



Imbona Nkubone

u'

IMANA



Jerry na Marilyn Fine

Mata 2013/April 2013





Cyanditswe mu 2003 na Jerry na Marilyn Fine. Amategeko arengera ibihangano.

Cyasohokeye muri Leta Zunze Ubumwe z' Amerika.

Nta gice cy'iki gitabo, uretse nk' uko bivugwa hepfo, gishobora guhindurwa, gushyirwa mu buryo bushobora gukoreshwa n'abandi cyangwa guhererekanywa mu buryo ubwo ari bwo bwose—ibyuma kabuhariwe, urupapuro na wino, ibyuma bifotora, ibifata amajwi cyangwa ikindi kintu cyose—utabanjye kubisabira uruhushya abanditsi bacyo, keretse mu uburyo buteganywa n' amategeko y' ibihangano yo muri Leta Zunze Ubumwe z' Amerika.

Uguze iki gitabo yeremererwa gutwara kopi ahari aka kamenyetso ngo “keba hano” harangwa n' uturongo ducagaguye ku mpamvu yo gukwirakwiza umugambi w' iki gitabo.

Uretse aho bivuzwe ukundi, Ibyanditswe byose byakuwe mu buryo bwo guhindura Bibiliya bwitwa King James Version.

Ibyanditswe byiswe AMP ni uburyo bwo guhindura bwitwa The Amplified Bible, Old Testament, ©1965 and 1987 bwa Zondervan Corporation, na Amplified New Testament, © 1954, 1958, 1987 bwa Lockman Foundation. Byatangiwe uruhusa.

Ibyanditswe byiswe JBP ni uburyo bwo guhindura bwa J.B. Phillips: The New Testament in Modern English, Revised Edition. © J.B. Phillips 1958, 1960, 1972. Byatangiwe uruhushya na Macmillan Publishing Company.

Ibyanditswe byiswe LIV ni uburyo bwo guhindura bwitwa The Living Bible, © 1971 owned by assignment by Illinois Regional Bank N.A. (as trustee). Byatangiwe uruhushya na Tyndale House Publishers, Inc., Wheaton, Illinois 60189. Amategeko arengera ibihangano.

Ibyanditswe byiswe MOF ni uburyo bwo guhindura bwitwa James Moffatt Translation bwa James A.R. Moffatt. © 1922, 1924, 1925, 1926, 1935 bwa Harper Collines, San Francisco. © 1950, 1952, 1953, 1954 bwa James A.R. Moffatt.

Ibyanditswe byiswe NAS ni uburyo bwo guhindura bwitwa New American Standard Bible, © 1960, 1963, 1968, 1971, 1972, 1973, 1975, 1977 bwa Lockman Foundation. Byatangiwe uruhushya.

Ibyanditswe byiswe NEB uburyo bwo guhindura bwitwa The New English Bible, © The Delegates of the United University 14655 na The Syndles of the Cambridge University Press 1961, 1978. Gisohoka ubwa kabiri bitangiwe uruhushya.

Ibyanditswe byiswe NIV ni uburyo bwo guhindura bwitwa the Holy Bible, New International Version, © 1973, 1978, 1984 bwa International Bible Society. Byatangiwe uruhushya na Zondervan Publishing House

Ibyanditswe byiswe NKJV ni uburyo bwo guhindura bwitwa New King James Version, © 1979, 1980, 1982 bwa Thomas Nelson, Inc., publishers. Byatangiwe uruhushya.

Ibyanditswe byiswe RSV ni uburyo bwo guhindura bwitwa the Revised Standard Version of the Bible. © 1946, 1952, 1971, bwa Division of Christian Education ya national Council of the Churches of Christ muri Leta Zunze Ubumwe z' Amerika. Byatangiwe uruhushya.

Ibyanditswe byiswe TCNT ni uburyo bwo guhindura bwitwa The Twentieth Century New Testament, © 1900, 1901, 1902, 1903, 1904 bwa Fleming H. Revell Company.

ISBN 1-57921-396-0

Library of Congress Catalog Card Number: 2001091464





Gushimira

Tuzahora dushimira inshuti yacu, Charles Tope, yabanje kuba umushumba, yaje mu rugo rwacu mu 1975 kudasaba gutangira guhindura abantu abigishwa mu Itorero ryacu (ni ryo yari abereye umushumba) nk'uko twabikorera mu rugo iwacu mu myaka itanu yari ishize. Mwene Data Tope uwo yanadufashije gutuma igitabo *Imbona Nkubone n'Imana* kigera kuri buri wese, atari ku bantu bake gusa.

None dore nyuma y' imyaka 27 ibihumbi by' abantu bahindujwe abigishwa *Imbona Nkubone n'Imana*. Cyanditswe mu ndimi enye kigakoreshwa mu bihugu byinshi. Dushimiye mwene Data Tope kuko yemereye Imana kumukoresha agafatanya natwe kwagura intumbéro yacu tukageza kristo ku batuye Isi twifashishije *Imbona Nkubone n'Imana*.

Dushimiye by' umwihariko inshuti zacu, uwahoze ari umushumba Dr. Antony Jordan, n'umushumba wacu Dr. Craig Etheredge, kubwo kudufasha kwabo kudacōgora n' inkunga batera *Imbona Nkubone n'Imana*.







Ijambo ry'Ibanze

Max D. Barnett

Gutumbira Kristo ugahora utera intambwe mu kumumenya, nk' inkora-mutima, ukanamumenyekanisha mu bandi si igikorwa ugomba gusohozza gusa, ahubwo ni n'imibereho ugomba kwimenyereza. Ukumenya kristo nk' inkora-mutima ukitangira guhindura abantu abigishwa-bahindura abandi abigishwa niyo ntego—kugira ngo abantu aho bari hose bashobore kumenya Umwami wacu w'igitangaza, Yesu Kristo.

Nta kindi nzi gikenewe mu Itorero uyu muni kiruta gufasha abarigize kugirana umubano wihariye na Kristo hanyuma bagashobora guhindura abandi abigishwa.

Gusohozza iki cyifuzo niyo ntego y' *Imbona Nkubone n'Imana*. Intego nkuru ya Jerry Fine na Marilyn Fine ntiyari ugukora gahunda izakoreshwa n' abandi mu guhindura abantu abigishwa, ahubwo bitangiye guhindura abantu abigishwa bajya kubona babona Imbona nkubone n'Imana iravutse.

Mu Itorero ryabo n' aho yagendaga kubw' umwuga we, Jerry na Marilyn bahinduraga abantu abigishwa bakoresheje ibikoresho biteguriye. Ni uko yaje kubaho nyuma y' imyaka myinshi.

Iki gitabo cyakoze neza gikoreshejwe n' umuntu ku giti cy'e cyangwa mu itsinda rito mu bantu b' ingeri zose, n' imyaka itari imwe. Benshi bahindutse abigishwa ba Kristo banashatse guhindura abandi abigishwa. Ni cyo cyatumye Igitabo cy' Umuyobozi gikorwa kugira ngo buri wese ashobore gukoresha *Imbona Nkubone*.





Nkorana n' abanyeshuli ba za kaminuza, niboneye Imana
Ikoresha bino bikoresho kubaha icyerekezo, imigambi, ubumenyi
n' icyizere bituma bashobora kubyara abandi bigishwa bagakomeza
kugwira.

None hari abantu mu turere dutandukanye tw' Isi bakoresha
bino bikoresho kubayobora. Umusaruro ni ukugwira gukomoka ku
Umwuka Wera.

Niringiye ko uzabona igitabo *Imbona Nkubone n' Imana*
kikugirira umumaro nk' uko cyawugiriye abandi ibihumbi n'
ibihumbi bakamenya Kristo ku giti cyabo mu buryo bwihariye no
guhindura Abakristo abantu bahindura abandi abigishwa.

Max D. Barnett

Kaminuza ya Oklahoma

Minisitere y' Ishuri Rikuru ry' Ababatista,
Leta Zunze Ubumwe z' Amerika

Dr. Anthony L. Jordan

Nagize umugisha wo kuba umushumba w' Itorero ry'
Ababatisita, mu Majyaruguru y' Iburengerazuba mu mujyi wa
Oklahoma, kumara imyaka 15. Mu mezi ya mbere y' ubushumba
namenyeye ikigero bagezeho mu by' Umwuka. Byagaragariraga mu
kwitangira gukorera Imana kwabo, mu buzima bwabo bwo gusenga
no kugendana n' Imana kwabo. Byaragaragariye ko ubuzima bwo
gusenga bw' iri teraniro bwari busumbyeho ubw' amatorero yandi
menshi. Byantwaye agahe gato gusa kumenya isoko y' uku gutera
intambwe kose: Mu Majyaruguru y' Iburengerazuba bagize umugisha
wo kuyoborwa n' abashumba bubaha Imana banabwiriza Ijambo ry'
Imana, kandi nta gushidikanya ko icyo kiri mu byatumye bakura mu
kumenya Imana. Ariko ntekereza rwose ko impamvu iruta iyo ari
uko amagana y' abantu bo muri iri torero bahindurwaga abigishwa
hakoreshejwe inyigisho yitwa Imbona Nkubone n' Imana. Iyi
nyigisho yateguwe na Jerry na Marilyn Fine, baha mu Majyaruguru
y' Iburengerazuba, yatangijwe kandi ityaza ubuzima bw' abanyetorero.
Jerry na Marilyn ni abayobozi bubaha Imana basanzwe ariko bamaze
iminsi y' ubuzima bwabo bahindura abantu abigishwa.

Iki gitabo Imbona Nkubone kiva mu buzima bukomejwe kandi
bufite uruhare mu Itorero. Nagize amahirwe y' umwihariko yo kubona





Imbona Nkubone gihindura ubuzima bw’ abo mu Itorero ryacu. Nabonye umuntu ku wundi bahinduzwa abigishwa iki gikoresho, icyavuye muri ibyo ni ugukorwaho mu buryo bugaragara mu buzima bw’abantu.

Imbona Nkubone n’ Imana gikwiye kuba ari yo gahunda yakoreshe mu guhindura abantu abigishwa. Iki gitabo gifasha abantu guhinduka Abakristo bakuze, bashikamye kandi bashyitse. Umutima w’ iki gikoresho cyo guhindura abantu abigishwa ni ukwigisha abantu kugenda na Kristo mu mubano wihariye n’ urukundo nk’ inkoramutima, iteka basoma Ibyanditswe, banabishyira mu bikorwa, basenga kandi babika Ibyanditswe mu mitima yabo.

Biroroshye guhererekanya ibiri mu Imbona Nkubone n’ Imana. Bitunganijwe neza, uburyo biteguwemo bworohereza abantu kubyigisha nta ngorane. Birushaho gukora neza mu itsinda rito cyangwa hagati y’ abantu babiri. Abantu bashimishwa no kubyigisha abandi kubera umumaro byagiriye ubuzima bwabo. Intego yacu yari uko buri wese mu Itorero yagera ku musozo w’ Imbona Nkubone. Iteka nizera ko iyo abantu bashikamye mu Ijambo ry’ Imana no gusenga, urufatiro rutabasha kunyeganyezwa rwubakwa mu buzima bwabo.

Mu Majyaruguru y’ Iburengerazuba bahawe umugisha mwinshi ku bw’ iki gitabo Imbona Nkubone. Igihe bateguraga iyi nyigisho, Jerry na Marilyn Fine ntibamenye ko Imana izagikoresha bene aka kageni. None ubu Imbona Nkubone n’ Imana kirakoreshwa mu isi yose mu gukuza abigishwa. Abato n’ abakuru, abanyeshuri biga mu mashuri makuru, abakozi b’ Imana n’ abo bayobora—bose bongerewe intege no kwigira muri iki gitabo. Nguhitiyemo iki gitabo nk’ igikoresho wakoresha uhindura abantu kuba abigishwa.

Dr. Anthony L. Jordan
Umuyobozi Mukuru-Ushinzwe Umutungo
Inama Rusange y’ Ababatisita muri Oklahoma



Imbona Nkubone n'Imana:

Inzira ikuyobora k' ukumenya Yesu ku giti cyawe.

Imibereho yo guhora ugendana na we mu busabane nk'inkora-mutima.

Igikoresho cyo guhindura abantu kuba abigishwa na bo bahindura abandi abigishwa.

Imbona Nkubone n'Imana **Cyafashije Ubuzima Bwanjye Guhinduka**

Imbona Nkubone n'Imana cyampinduriye ubuzima. Intego Pawulo yiyemeje yo kumenya Yesu bishoye imizi, biboneka mu Bafilipi 3:10, yafashe mpiri umutima wanjye impindukira icyifuzo gisumba ibindi ubuzima bwanjye bugenderaho. *Imbona nkubone* ni igikoresho cyamfashije kwiga no kwitōza gutanga igihe mfite, iteka nkasoma Ijambo ry'Imana, nkaritekerezaho, nkaryiga nkanaribika mu mutima wanjye.

Iki gitabo cyamfashije gusenga Imana nyigaragariza urukundo umunsi wose. Inshingano yo gutekerezaho kw' Ijambo ry' Imana m' uburyo butatu(Tekereza Cyane, Gira Ishusho mu Bitekerezaho, Senga) yamfashije gusobanukirwa ukuri kw' Ibyanditswe nkoreshye akayunguruzo ariwo mutima wanjye n' ibitekerezaho. *Iki Gitabo* cyamfashirije ubuzima bikomeye, kimbera igikoresho cyoroshye guhererekanya ngo gifashe abandi gukura no gushyika ku rugero rukwiriye kwabo no kugendana n'Umwami. Kubwira abandi icyo Umwami yanyigishirije mu *Mbona Nkubone* ni umunezero n' Umugisha bihebuje kuri jye.

Adela Constantin, Risansiye mu byo Gukora Imiti



Ingingo

I
R
I
B
U
R
I
O

“Intego yanjye idakuka ni ukumumenya”

Kugira ngo mumenye, menye n'imbaraga zo kuzuka
kwe no gufatanya imibabaro ye, no kujya nshushanywa
no gupfa kwe.

—Abafilipi 3:10

Intego yanjye idakuka ni ukugira ngo mumenye
ni ukuvuga ngo nshobore kugenda ndushaho
gushorera imizi mu kumumenya no kurushaho kuba
inkoramutima ye, mbona, menya kandi nsobanukirwa
cyane kandi neza uburyo Umwami wanjye ari
igitangaza. Kandi kugira ngo muri ubwo buryo ngere ku
kumenya imbaraga zidudubiza ziva mu ukuzuka kwe ,
zikorera mu bamwizera; kandi kugira ngo nsangire na
we imibabaro ye bitume mpora ndushaho guhindurwa
mu mwuka ngo nse na we ndetse no mu rupfu rwe,
mwiringiye.

—Abafilipi 3:10 (AMP)



Ibice Bine Bikubiye mu Kumenya Yesu

Abafilepi 3:10 (AMP)

Intego Yanjye Idakuka ni:

1. ukugenda ndushaho gushorera imizi mu kumumenya no kurushaho kuba inkoramutima ye.
2. Mbona, menya kandi nsobanukirwa uburyo Umwami wanjye ari igitangaza.
3. Kuzura imbaraga zidudubiza ziva mu kuzuka kwe. (Imbaraga z'Imana ubwayo)
4. Gusangira na we imibabaro ye bitume mpora mpindurwa mu mwuka ngo nse na We.

Rimwe na rimwe iyo urimo gutekereza cyane ku kuri nk'uku, birafasha iyo ubitekerezaho ubihereye inyuma. Bigerageze urebe niba bigufasha. Tekereza kuri ibi bice bine, ubikurikiranye utya: 4, 3, 2, 1.





Ingingo

IRIBURIRO

Kumaramariza Guhinduka no Guhindura Abigishwa

1. Nzaboneka mu masomo yose igihe cyayo uretse mbujijwe n'impamvu Imana yamberamo umugabo.
2. Nzaba umwizerwa mu gukora imikoro igenewe gukorwa buri muni.
3. Nzagira byibuze umuntu umwe dufatanyaga gusenga mu bo twigana izi nyigisho.
4. Nzajya mbonana na we kandi musengere buri cyumweru kumara igihe cyose nzaba niga aya masomo.
5. Uwo dufatanyaga gusenga nasiba nzamushakisha kandi shake uko namukomeza.

Umukono

Itariki





Ingingo

IRIBURIRO

Intego z'ubuzima

I. Kumumemya:

Reba: Abafilipi 3:10 (AMP)

Intego yanjye idakuka ni ukugira ngo mumenye—ni ukuvuga ngo nshobore kugenda ndushaho gushorera imizi mu kumumenya no kurushaho kuba inkoramutima ye, mbona, menya kandi nsobanukirwa cyane kandi neza uburyo Umwami wanjye ari igitangaza. Kandi kugira ngo muri ubwo buryo ngere ku kumenya imbaraga zidudubiza ziva mu ukuzuka kwe, zikorera mu bamwizera; kandi kugira ngo nsangire na we imibabaro ye bitume mpora ndushaho guhindurwa mu mwuka ngo nse na we ndetse no mu rupfu rwe, mwiringiye.

II. Kumwubahisha:

A. Reba: 1 Abakorinto 10:31

Namwe iyo murya cyangwa munywa cyangwa mukora ikindi kintu cyose, **mujye mukorera byose guhimbaza Imana.**

B. Reba: Yohana 17:4 (NKJV)

Nakubahishije mu isi, kuko narangije umurimo wampaye gukora.

III. Gusa na We:

Iyo tumwiyeguriye, Umwuka Wera araduhindura:

- **Ubushake bwacu** buhinduka ubushake buvuga buti ntibibe uko jye nshaka, ahubwo **“bibe uko wowe ushaka.”**

Matayo 6:10 (NKJV)





Ingingo

IRIBURIRO

- **Ingeso zacu** zihinduka:

Kwera1 Petero 1:15-16
GukiranukaGutegeka 32:4
UkuriYohana 1:14; 14:6
Urukundo1 Yohana 4:7-10
Kwizerwa1 Abakorinto 1:9

A. Reba: 2 Abakorinto 3:18 (NLT)

...Ariko twebywe twese ubwo tureba ubwiza bw' Umwami, tubureba nko mu ndorerwamo mu maso hacu hadatwikiriye, **duhindurirwa gusa na we tugahabwa ubwiza buruta ubundi kuba bwiza, nk' ubw' Umwami w' Umwuka.**

B. Reba: Abaroma 12:2 (RSV)

Kandi ntumwishushanye n' ab' iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, aribyo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose.

C. Reba: Abaroma 8:29 (RSV)

Kuko abo yamenye kera yabatoranirije kera **gushushanywa n' ishusho y' Umwana wayo,** kugira ngo abe imfura muri bene se benshi.



Ingingo

IRIBURIRO

Reba Iri Shuri

I. Ikigendererwa:

Gufasha Abakristo kugendera mu busabane n'Imana nk' inkoramutima binyuze mu kuyegurira ubuzima bwabo, buguma muri yo, bumaramaje, bwatojwe ibyayo, buyumvira, buyikunda, buyiringira kandi bwishingikirije kuri Kristo.

II. Intego:

- A. Guhugura.
- B. Gutera Umwete.
- C. Gufashisha ibikoresho no gutoza abantu:
 - 1. Ukuri.
 - 2. Imibereho itunganye.
 - 3. Ibikoresho bikoreshwa “bigahererekanywa.”

III. Gahunda:

- A. Sobanura ku cyo ugiye kwigishaho.
- B. Babwire impamvu—Matayo 4:18-19.
- C. Bereke uko Babigenza—Mariko 1:35.
- D. Babwire batangire—Matayo 28:19-20.
- E. Bakurikirane ubafashe—Matayo 26:40, 43, 45; Ibyakozwe 15:36.





Ingingo

IRIBURIRO

Umurongo Wampesheje Amahoro Uko D.L. Moody Yamfashije.

Rev. J. Wilbur Chapman, D.D.

Ndakubwira uko wakizwa kandi n'uko wamenya ko uri Umukristo. Nigiraga gukora umurimo w'Imana, hanyuma mbwirwa ko D.L. Moody aza kubwiriza muri Chicago, nuko njyanwa no kumwumva. Nyuma yaho njya mu iteraniro ryakurikiye kubwiriza, ntabwo nzibagirwa igitengo cyanyuzuye, ubwo yazaga akanyicara iruhande nk'ushaka kugira icyo ambaza. Ahera ko ambaza niba ndi Umukristo. Ndagira nti, "Moody, simbizi neza niba ndi Umukristo cyangwa ntari we."

Ambaza n'ibindi ibibazo, urugero niba nari Umukristo mu Itorero iryo ariryo ryose, musubiza ko ndirimo, Ariko nane nti sinzi neza niba ndi Umukristo cyangwa ntari we. N'imbabazi nyinshi aherako aterura Bibiliya ye *abumbura igice cya gatanu mu gitabo cya Yohana, ku murongo waho wa makumyabiri-na-kane*, aho Yesu avuga atya, ati: "Ni ukuri, ni ukuri, ndababwira yuko uwumva ijamba ryanjye akizera uwantumye, aba afite ubugingo buhoraho kandi ntazacirwaho iteka, ahubwo aba avuye mu rupfu ageze mu bugingo."

Ibwire ko ari ubwa mbere usomye iri jambo, urumva ari ryiza? Nanjye ndarisoma, hanyuma aravugaga ati: "Urumva uryizeye?" Nanjye nti, "Yee." Arongeraga ati: "Uranyemera?" Ndavugaga nti: "Yee." Arongeraga ati: "Ni byiza, noneho uri Umukristo?" Nti: "Moody, igihe kimwe nibwira ko ndi we, kandi ikindi gihe nkatinye ko ahari ntari we."

N'impuhwe nyinshi arambwira ati: "Ongeraga urisome."

Noneho ndongera ndarisoma, "Ni ukuri, ni ukuri, ndababwira yuko uwumva ijamba ryanjye akizera uwantumye, aba afite ubugingo buhoraho kandi ntazacirwaho iteka,





ahubwo *aba avuye* mu rupfu ageze mu bugingo.”
Hanyuma aravuga ati: “*Uraryizeye?*” Ndamusubiza nti:
“Yee.” Na we ati: “*Ni byiza, none uramwakira?*” Nti: “Yee.”
Aravuga ati: “Ni byiza, noneho uri Umukristo?”

Nuko nkomeza gusubiramo hato na hato ko rimwe na
rimwe ntinya ko nshobora kuba ntari we, nubwo ubu
bwonyine, igihe cyose maze mumenye, kandi mukunda,
aribwo andakariye. Arahindukira aranyitegereza n’amaso
ye asa n’agurumana ati, “Reba hano, *uwo ushidikanya ni
nde?*”

Ku ncuro ya mbere mpërako mbona, yuko *iyi natinyaga
ko ahari ntari Umukristo, nabaga ndimo gushidikanya
Ijambo ry’Imana*. Ndongera ndarisoma amarira abunga
mu maso.

Uhereye uwo munsu nagize agahinda kenshi n’umune-
zero mwinshi, Ariko sinongeye nubwo byaba akanya
gato gushidikanya ko ndi Umukristo, kuko Imana ari yo
yabivuze.

*Ubu rero icyo ngusabye gukora ni ugushinga ibirenge by-
awe muri iri sezerano, uvuge uti, “Yee, kuva uyu munsu
ndabizi ko ndi Umukristo.”*

“Umurongo Wampesheje Amahoro,” the Pocket Testament League
Gospel of John. Tubiherewe Uburenganzira.





Ingingo

IRIBURIRO

Umubatizo

I. Ese ibi bivuze iki?

Ibi bivuze kwibizwa mu mazi, nk' ikimenyetso cy' urupfu, guhambwa no kuzuka kwa Yesu. Kikaba igihamya cy' ukuri ko nkurikira Yesu.

II. Kuki mbatizwa?

A. Reba: Matayo 28:18-20 (NIV)

Nuko Yesu arabegera avugana na bo ati “Nahawe ubutware bwose mu ijuru no mu isi. Nuko mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese n' Umwana n' Umwuka Wera, mwigisha kwitondera ibyo nababwiye byose. Kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku imperuka y' isi.”

Igisubizo ...

Yesu ubwe yabwiye abigishwa be kugenda bagakora ibi bintu bitatu by'ingenzi:

1. Mugende muhindure abantu _____.
2. _____ mu izina rya Data wa twese n' Umwana n' Umwuka Wera.
3. Mwigisha aba bigishwa bashya _____ byo nabategetse _____.





Ingingo

IRIBURIRO

B. Reba: Luka 6:46 (NLT)

Mumpamagarira iki muti “*Databuja, Databuja,*”
nyamara *ntimukore* ibyo mvuga?

Igisubizo...

Ni iki kibatera guhora mumpamagara muti
_____, Nyamara _____
ibyo mvuga?

*Niba ari Umwami, ni ukuvuga ko akwiriye kum-
virwa.*

III. Ni ryari nkwiye kubatizwa?

Reba: Matayo 28:18-20 (NIV)

Nuko Yesu arabegera avugana na bo ati “Nahawe
ubutware bwose mu ijuru no mu isi. Nuko mugende
muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa,
mubabatiza mu izina rya Data wa twese n’Umwana
n’Umwuka Wera, *mubigisha kwitondera* ibyo naba-
bwiye *byose*. Kandi dore ndi kumwe namwe iminsi
yose kugeza ku imperuka y’isi.”

Igisubizo ...

Umuntu agomba kubatizwa N __ U __ A yuko
yizeye Yesu (abaye Umukristo).

IV. Ni buryo ki nabatizwa?

Niba umaze kwiringira ko Yesu ari Umukiza wawe,
bwira umushumba wawe (pasitoro) yuko ushaka gu-
kurikira Umwami Yesu mu mubatizo.



Ingingo

I
R
I
B
U
R
I
R
O

Ibintu Bitatu Biranga Abigishwa Nyakuri

Abigishwa nyakuri bafite ibintu byinshi basangiye. Uzasanga ari abagabo n'abagore biringira ko Yesu ari we ubaha imbaraga, hanyuma bakagenda barushaho kuba:

1. Reba: Yohana 8:31

Nuko Yesu abwira Abayuda bamwemeye ati “Nimuguma mu ijambo ryanjye muzaba abigishwa banjye nyakuri.”

(AMP) Nuko Yesu abwira Abayuda bamwemeye ati “Nimuguma mu Ijambo Ryanjye—*nimukurikiza ibyo mbigisha kandi mukabigenderamo*—muzaba abigishwa banjye *by'ukuri*.”

Igisubizo ...

A B _ M _ U _ V _ R A

2. Reba: Luka 9:23 (NKJV)

Abwira bose ati “Umuntu nashaka kunkurikira niyiyange, yikorere umusaraba we iminsi yose *ankurikire*.”

Igisubizo ...

A B _ M _ K _ R _ K _ R _

3. Reba: Matayo 11:29 (NKJV)

Mwikorere umutwaro wanjye kandi mundeberaho, kuko ndi umugwaneza kandi nkaba niyoroshya. Bityo muzagira ituze mu mutima.

Igisubizo ...

A B _ G _

Buri mwigishwa nyakuri wa Yesu aramwiringira, kandi aba amaramarije gukora ukuri kw'Ijambo ry'Imana. Uko bamukurikira bahora barushaho kumwumvira, kandi ntibarorera kwiga.





Ibintu Umwigishwa Nyakuri Akeneye Kwimenyereza Mu buzima Bwe

1. Reba: Matayo 22:37 (NKJV)

Na we aramusubiza ati *“Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose, n’ ubugingo bwawe bwose, n’ ubwenge bwawe bwose.”*

Igisubizo . . . Kugira umutima ukunda Uwiteka.

2. Reba: Ibyakozwe 17:11 (RSV)

Ariko abo bo bari beza kuruta ab’i Tesalonike, kuko *bakiranye ijamba ry’Imana umutima ukunze*, bashakaga mu byanditswe iminsi yose kugira ngo bamenye yuko ibyo bababwiye ari iby’ukuri koko.

Igisubizo . . . Bāri bajijutse kandi bakunda kwigishwa.

3. Reba: Matayo 11:28-30

“Mwese abarushye n’ abaremerewe, *nimuze* ndabaruhura. Mwemere kuba abagaragu banjye *munyigireho*, kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima, namwe muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu, kuko kunkorera kutaruhije, n’ umutwaro wanjye utaremereye.”

Igisubizo . . . Kwiha umwanya wo kwiga no kwigishwa.

4. Reba: Luka 9:23 (NKJV)

Abwira bose ati “Umuntu nashaka kunkurikira *niyiyange*, yikorere umusaraba we iminsi yose ankurikire.”

Igisubizo . . . Ubushake bwo kwitangira kwiga.





IRIBURO

Titre: _____

- Amagambo magufi cyangwa Ingingo z' Ingenzi
- Ibyanditswe bisisobanura
- Insigamigani n' Ibishushanyo

Katira hano ✂ cyangwa ufotoze uru rupapuro.





IRIBURIRO

Bisubiremo Kenshi/Bishyire mu Bikorwa:

Andika ukuri Imana iguhishuriye muri ubu butumwa nshobora gukoresha mu buzima bwanjye. **Ibwire** kandi **Utekereze** uku kuri hanyuma **Usenge** Imana ukoresha amagambo ari muri ko nk' isengesho ryo **Kuramya**, **Kwatura**, **Gushima** cyangwa **Kwiringira**.

Katira hano ✂ cyangwa ufotoze uru rupapuro.



Ingingo z'Ikibwirizwa cyangwa Isomo

Umwigisha: _____ Itariki:_____

Aho Muri:_____ Icyo Yigishije:_____

Titre: _____

Umviriza/Andika:

- Amagambo magufi cyangwa Ingingo z’ Ingenzi
- Ibyanditswe bisisobanura
- Insigamigani n’ Ibishushanyo

Katira hano ✂ cyangwa ufotoze uru rupapuro.

IRIBURO



IRIBURIRO

Bisubiremo Kenshi/Bishyire mu Bikorwa:

Andika ukuri Imana iguhishuriye muri ubu butumwa nshobora gukoresha mu buzima bwanjye. **Ibwire** kandi **Utekereze** uku kuri hanyuma **Usenge** Imana ukoresha amagambo ari muri ko nk' isengesho ryo **Kuramya**, **Kwatura**, **Gushima** cyangwa **Kwinginga**.

Katira hano ✂ cyangwa ufotoze uru rupapuro.



Ingingo

I
R
I
B
U
R
I
R
O

Wirinde..... Wirinde..... Wirinde.....

Ntushukwe

Kuba Umukristo ntibituma tugira ubudahangarwa ku makuba, ibigeragezo, ibirushya, ibishuko n' imibabaro.

1. Reba: Abaroma 5:1-4 (LIV)

Nuko, rero ubwo *kwizera Yesu Kristo* kwatugize abatunganye mu maso y'Imana, tubana *amahoro* na yo kubw'ibyo Yesu Kristo Umwami Wacu yakoze kubwacu. Kubera kumwizera, *ni We* watugejeje muri uyu mwanya w'ububasha buhebuje, kandi dutegerazanye ukudatinya n'ibyishimo *kuzaba* abo *Imana* yagambiriye ko tuba. Si ibyo gusa, ahubwo tunishima iyo tugeze mu *makuba*, no mu *bigeragezo* kuko tuzi ko bitubera *byiza*—bituma twiga *ukwihangana*. Kandi *ukwihangana* kugatera *gukomezwa* kw' *ingeso* zacu muri twe kandi kukadufasha kurushaho *kwiringira Imana* igihe cyose twihanganye, tukagera ubwo *ibyiringiro* no *kwizera* byacu biba bikomeye kandi bitajegajega.

Dutsindishirizwa mu maso y'Imana kubwo
KWI __ __ RA.

Dufite **A M A __ __ R O** aturuka ku Mana kubwo icyo Umwami Yesu Kristo yakoze ku bwacu.

Dutegerezanya ukudatinya n'ibyishimo **K __ Z A B __** abo **I __ __ A** yagambiriye ko tuba.

Kuba Umukristo ntibikuraho **A M __ K __ B A** n' **I B __ G __ R __ G __ Z O** mu mibereho yacu. Mu by' ukuri, bitubera **BY __ A**, kuko bituma twiga **KW __ H __ __ __ N A.**





Uko turushaho **KW__H__NG__NA**, ibi bituma dukuza **IMB__R__GA z'ING__S__** nziza muri twe kandi kukadufasha kurushaho **KW__R__NG__RA** Imana kugeza ubwo **IBY__R__NG__RO** no **KW__Z__R__** byacu biba bikomeye kandi bitanyeganyezwa.

2. Reba: Yakobo 1:2-4 (NLT)

Bene Data, mwemere ko ari iby' *ibyishimo* rwose, nimugubwa gitumo n' *ibibagerageza* bitari bimwe, mumenye yuko *kugeragezwa* ko kwizera kwanyu gutera *kwihangana*. Ariko mureke kwihangana gusohoze umurimo wako, mubone *gutungana* rwose, mushyitse *mutabuzeho* na gato.

Iyo ubuzima bw' Umukristo bwuzuye

IB__G__R__GEZO, ntakwiriye kwiheba ngo acike intege, ahubwo akwiye kubibona nk' amahirwe yo **K__NEZ__ __ RWA**.

Kuki twabibona nk' amahirwe iyo amakuba atugwiririyeye? Kubera ko iyo amakuba atugezeho bikuza **UKW__H__NG__NA** kwacu.

Ukiga uko wakwihanganira buri mibereho y' ubuzima, ufite ukwihangana gushikamye biragaragara ko ari urufunguzo rw' Ubukristo bugeze ku rugero rwuzuye **ING__S__** zishikamye mu gutungana bwiteguye guhangana n' icyo aricyo **CY__S__**.

3. Reba: Yakobo 1:13-14 (NLT)

Umuntu niyoshywa gukora ibyaha, yē kuvuga ati: *Imana* ni yo inyoheje; kuko *bidashoboka* ko Imana yoshywa n' ibibi, cyangwa *ngo na yo igire urwo ibyohesha*. Ahubwo umuntu wese *yoshywa* iyo *akururwe* n' ibyo ararikiye *bimushukashuka*.



Ingingo

IRIBURIRO

Ibuka iki, iyo umuntu ashaka gukora nabi ntabwo aba
ari **I** ___ **NA** irimo
K ___ **SHUK** ___ **UKA**.

Tureshywa n' **I B I** ___ **K O** bitewe n' ibyifuzo
byacu **B** ___ **B I**, kubw' ibyo ntukabiherereze ku Mana.

Ibishuko si ibyaha, ariko kwemerera ibishuko ni icyaha.





Ingingo

IRIBURIRO

Ihame ryo Gusimbuza

Ihame ni ukuri duhabwa n'Imana ngo rihinduke urufatiro cyangwa impamvu yabyutsa imitekerereze n'ibikorwa byo kwizera.

I. *Ihame ryo Gusimbuza* riboneka mu:

Reba: Abafilipi 4:8

Ibisigaye, bene Data, iby' *ukuri* byose, ibyo *kubabwa* byose, ibyo *gukiranuka* byose, *ibiboneye* byose, iby' *igikundiro* byose, n' *ibishimwa* byose, ni haba hariho *ingeso nziza*, kandi hakabaho *ishimwe*, *abe ari byo mwibwira*.

II. Mu kwitondera izi mpugūro zo *kwibwira ibi bintu*, twikuramo ibitekerezo n' ubwoba bituruka mu kutubaha Imana bibyiganira mu bitekerezo byacu bituma tubaho nk' aho ubuzima bwacu bwatsinzwe. Tukabishushubikanira hanze y' ibitekerezo byacu ahubwo tukiyuzuzamo ibiboneye, byo kubaha Imana nk' *urukundo*, *kuramya*, *guhimbaza n'amashimwe*. Mu by' ukuri, tuba turiho

Tubisimbuza.

III. Isezerano ry' Imana *ryo kubaha no gukoresha iri hame ni:*

Reba: Abafilipi 4:9

... Nibwo Imana itanga amahoro izabana namwe.

IV. Uzabona ko *gukoresha iri hame* ari ikintu cy' ingi-rakamaro cyane:





Ingingo

IRIBURIRO

- A. Mu kurushaho gusabana n' Umwami wacu mu rukundo.
- B. Igihe cy' ibigeragezo n' ibishuko.
- C. Mu “gufata mpiri ibitekerezwa mu mitima byose, tubigomōrera Kristo” (2 Abakorinto 10:5).
- D. M' ukumvira iri tegeko, rigira riti: “...muhinduke rwose mugize, imitima mishya...” (Abaroma 12:2 NKJV).
- V. Ingero z' uko washyira iri hame mu bikorwa:
- A. Umunsi wose **garagariza Imana urukundo, uyiramy, uyihimbaza kandi uyishimira.**
- B. Igihe uhuye n' ibigeragezo cyangwa ibishuko, ntugahange amaso ibyo bigeragezo cyangwa ibishuko, ahubwo **uyahange ku Mwami Yesu** (Abaheburayo 12:2).
1. Igihe cyose ugeragezwa cyangwa uri mu bishuko, **garagariza Imana urukundo rwaawe, uyiramy, uyihimbaze kandi uyiture amashimwe.**
2. Niba icyo kigeragezo kigusaba kugira icyo wagikoraho, noneho hangana na cyo **utumbiriye Yesu** ngo agukize, aguhe imbaraga, agukomeze, aguhe ibyo ukeneye kandi akuyobore.

VI. Inyungu zo kubishyira mu bikorwa:

Kwitoza iri hame buri muni bishobora kugira akamaro kanini ko kwibibamo imibereho nk' iya Kristo, myiza kandi ihora itekereza ibyiza gusa.





Uko Namenya Imimerere y'Urukundo Rwanjye

1 Abakorinto 13:4-8

Tekereza ku ngingo zikurikira urengereza ku muntu runaka wowe uzi mu mutima wawe. Buri ngingo uyihe agaciro k'amanota kuva kuri 1 kugeza ku 10, amanota 10 ahagarariye urukundo rwinshi cyane ukunda uyu muntu. Ijambo ry'uru-funguzo muri izi ngingo cyangwa twakwita ibibazo, ni *iteka (buri gibe)* cyangwa *nta na rimwe*.

Amanota

- _____ 1. Uyu muntu iteka ndamwihanganira.
- _____ 2. Uyu muntu numva muftiye imbabazi igihe cyose kandi nkisanga nshakisha uko nakora ibimubera byiza.
- _____ 3. Nta na rimwe ngirira uyu muntu ishyari cyangwa ngo murebuzwe.
- _____ 4. Nta na rimwe mwirataho cyangwa ngo nishyire hejuru ye. Nubahiriza ibitekerezo bye kuruta ibyanjye, n'inyungu ze kuruta izanjye bwite.
- _____ 5. Iyo ndi kumwe n'uyu muntu, nta na rimwe ngira umushiha cyangwa ngo nifate uburyo budakwiye.
- _____ 6. Iyo ndi kumwe n'uyu muntu, nta na rimwe mba nyamwigendaho ngo ntsimbarare ku nzira zanjye, ndengera uburenganzira bwanjye cyangwa ngo ndwane ishyaka ribi.
- _____ 7. Nta na rimwe ndakarira uyu muntu, mwigengesera, cyangwa ngo ansitaze, cyangwa ngo mubabarire ngononwa, kandi mputa kubyibagirwa iyo anko-shereje.
- _____ 8. Nta na rimwe nezerwa, mpimbarwa cyangwa ngo nishime hejuru y'ikibi uyu muntu akoze.
- _____ 9. Iteka ndishima iyo mbonye ukuri no kutabera mu buzima bwe.
- _____ 10. Iteka biranyorohera kwirengagiza amakosa y'uyu muntu, kandi sinifuza ko amafuti ye abandi bayamenya.
- _____ 11. Iteka nisanga mfite ishyaka ryo kwizera ibyiza gusa kuri uyu muntu.
- _____ 12. Iteka nisanga niringiye ibyiza cyane muri uyu muntu, uko ibihe byaba bimeze kose.
- _____ 13. Nakomeje kumwerekana urukundo rwanjye sinacogora.
- _____ 14. Urukundo rwanjye kuri uyu muntu ruhora rwiyoungera.

_____ (Igiteranyo) ÷ 1.40 = _____ %



Ingingo

IRIBURIRO

Nibutswa Guhora Maramaje

- Ubwo** Imana imfiteye imigambi myiza *uyu muni*,
iby bimpesha ibyiringiro n' ejo hazaza heza.
— Yeremiya 29:11(NIV)
- Ubwo** Imana inkunda urukundo ruhoraho *uyu unsi*.
— Yeremiya 31:3
- Ubwo** Imana ari yo ifite ubutware ku bintu byose *uyu muni*.
— 1 Timoteyo 6:15 (JBP)
- Ubwo** Imana ari umukunzi w' ubuzima bwanjye,
kandi yampamagaye nk'uko umugambi wayo
uri, nuko rero, yasezeraniye ko ibintu byose
bizafataniriza hamwe *uyu muni* kunzanira
ibyiza.
— Abaroma 8:28
- Ubwo** Kuva kera yangeneye kumera nk'Umwana
wayo (Yesu) *uyu muni*.
— Abaroma 8:29
- Ubwo** Ntacyabasha kudutandukanya n' urukundo rwa
Kristo *uyu muni*.
— Abaroma 8:35, 38-39
- Ubwo** Muri Kristo, ndushishwaho *uyu muni* kunesha
amakuba, ishavu, ugutotezwa, inzara, kwam-
bara ubusa, akaga kose ndetse n' inkota y' abanzi
banjye.
— Abaroma 8:35, 37
- Ubwo** Muri kristo, nshobozwa gukora byose na Kristo
untera Imbaraga *uyu muni*.
— Abafilipi 4:13
- Ubwo** Mfite inshingano yo kwera imbuto nyinshi *uyu muni*, ari bwo buryo bwo kubahiriza Data.
— Yohana 15:8



*Isengesho ryo Kumaramaza Buri Munsu...***Mwami, Uyu Munsu Niyemeje Kumaramariza:**

<i>Kukumenya</i> mu buryo bwimbitse no kurushaho kuba inkoramutima yawe, no <i>gubora nkubanze amaso.</i>	Abafilipi 3:10 (AMP) Abaheburayo 12:2 (NIV)
<i>Kukwiringira</i> n'umutima wanjye wose, si niyiriringire, kandi <i>nkakumvira</i> bityo nkakira imigisha yawe.	Imigani 3:5 Luka 11:28
<i>Kugukundisha</i> umutima wanjye wose, n'ubugingo bwanjye bwose n'ubwenge bwanjye bwose, no <i>kugukorera</i> nezerewe.	Matayo 22:37 Zaburi 100:2
<i>Kukwiyegurira</i> no kuyoborwa <i>nawe</i> mu buzima bwanjye. Mu by'ukuri, n'ubu <i>nkweguriye ubuzima bwanjye uyu munsu ngo buyoborwe nawe.</i>	Abaroma 6:13
<i>Kuguma muri wowe</i> nk'uko ishami kugira ngo ryere imbuto rikwiye kuguma ku muzabibu.	Yohana 15:4
<i>Kukubabisha</i> mubyo nkorera mu buzima bwanjye bwose: mu bitekerezo, mu magambo, mu myumvire no mu bikorwa byanjye.	1 Abakorinto 10:31
<i>Kwirinda</i> impamvu zose zantera kutera imbuto: 1. Amaganya (imitwari) y'iby'Isi 2. Ibihendo by'ubutunzi. 3. Irari ry'ibindi bintu.	Mariko 4:19
<i>Kukugaragaza</i> no kugaragaza imbuto z'Umwuka Wawe—urukundo, umunezero, amahoro, ukwihangana, kugira neza, ingeso nziza, ubwizerwa, ingeso nziza zo gukiranuka, ubugwaneza no kwirinda.	Abagalatiya 5:22-23 (NIV)
<i>Kukwishimira</i> no <i>kwishimira umugambi wawe</i> ku buzima bwanjye, kandi Mwami, kukuzanira umunezero uyu munsu.	Zaburi 37:4; 40:8
Guhindurira abantu kuba abigishwa aho ngenda hose.	Matayo 28:19 (NKJV)
<i>Mwami, uzi ko ntashobora gusohozza iki cyemezo uyu munsu mu mbaraga zanjye. Rero, ndakwinginze, bikorere muri jye uyu munsu, nanjye niye-guriye kuyoborwa Nawe.</i>	



Ingingo

IRIBURIRO

Ikomereze k' Uwiteka Imana

(1 Samweli 39:6; Abaroma 14:4)

- I. Umwami kandi Umukiza wanjye *Ashobora Byose (Umunyambaraga Uhebuje)*. Afite ububasha ku byifuzo byanjye byose. (Matayo 28:18).
 - A. *Amaganya yanjye yose* nyikoreje Umwami *Ushobora Byose (Umunyambaraga Uhebuje)* kuko *anyitaho* (1 Petero 5:7) kandi azamara ubukene bwanjye bwose (Abafilipi 4:19), kuko agira ati, “Nyambaza ku munsu w’ amakuba no k’ uw’ ibyago, nzagukiza nawe uzanyubahisha.” (Zaburi 50:15 NKJV).
 - B. Umwami wanjye *Ushobora Byose (Umunyambaraga-Uhebuje)* iteka azacira umwanzi wanjye (Satani) umurongo atabasha kurenga ngo aze aho ndi, kuko “Igihe umwanzi azaza nk’ umwuzure, *Umwuka w’ uwiteka azashyiraho imbibi atārenga*” (Yesaya 59:19).
 - C. Umwami wanjye *Ushobora Byose (Umunyambaraga-Uhebuje)* ambwira ko ntakwiye gutinya cyangwa gukuka umutima igihe ibindwanya bibaye bisa nk’ ibikomeye, kuko *urugamba atari urwanjye, ahubwo ari urwe* (2 Ngoma 20:15), kandi Umwami azandwanira (Kuva 14:14). “Yewe Mwami Uwiteka, dore... ububasha bwawe bukomereye... nta kintu na kimwe kikunanira” (Yeremiya 32:17 NKJV).
 - D. Umwami wanjye *Ushobora Byose (Umunyambaraga-Uhebuje)* ambwira *kuba ari we ntinya wenyine singire ikindi ntinya* (Yesaya 8:13 NLT), kuko ashaka kunsigira amahoro ye mu cyimbo cyo gutinya kwanjye kumbabaza iyica-rubozo (Yohana 14:27).
 - E. Umwami wanjye *Ushobora Byose (Umunyambaraga-Uhebuje)* Ansezeranya ko mu kigeragezo icyo ari cyo cyose Azandengera kandi ntazakunda ko ngeragezwa birenze ibyo mbasha kwihanganira, ahubwo





mu kigeragezo cyose, *azancira akanzu kugira ngo mbone uko nkibanganira* mu cyimbo cyo *kugushwa* na cyo (1 Abakorinto 10:13).

- F. Umwami wanjye *Ushobora Byose (Umunyambaraga-Uhebuje)* niwe wenyine Ufite ubutware ku bintu byose (1 Timoteyo 6:15 JBP), kandi igihe cyose mukunda nkanagendera mu mugambi we yampamagariye, yansezeranije ko atazemerera icyo ari cyose gukora ku ubugingo bwanjye uretse igifataniriza hamwe kunzanira ibyiza (Abaroma 8:28).
- G. Umwami wanjye *Ushobora Byose (Umunyambaraga-Uhebuje)* ni Iyo kwizerwa ikoresha imbaraga zayo ku bwanjye (Gutegeka 7:9), kandi "...Ibidashobokera abana b'abantu ku Mana birashoboka" (Luka 18:27).
- H. Umwami wanjye *Ushobora Byose (Umunyambaraga-Uhebuje)* anyibutsa ko "Amakuba n' ibyago by' umukiranutsi ari byinshi, *ariko Uwi-teka amukiza (ankiza) muri byose* (Zaburi 34:19).
- I. Umwami wanjye *Ushobora Byose (Umunyambaraga-Uhebuje)* yanakuye gutera ubwoba n' urubori abivana mu rupfu, kuko kubw' Umwami Yesu Kristo no kuzuka kwe (ukwe ni ukwanjye), *mfite ukunesha* (1 Abakorinto 15:55, 57).
- II. Umwami kandi Umukiza wanjye *Abera Hose Icyarimwe (Ariho Igihe Cyose)*. Ari kumwe nanjye akanya kose ka buri munsu wose. (Matayo 28:20).
- A. Umwami wanjye *Ubera Hose Icyarimwe (Uriho Igihe Cyose)* yasezeranije ko *atazansiga na hato, kandi ko atazampāna na hato* (Abaheburayo 13:5).
- B. Umwami wanjye *Ubera Hose Icyarimwe (Uriho Igihe Cyose)* ambwira ko ntazatinya, kuko *agumana nanjye, kugira ngo ankomeze, antabare kandi andamire* (Yesaya 41:10).





Ingingo

IRIBURIRO

C. Umwami wanjye *Ubera Hose Icyarimwe (Ūriho Igihe Cyose)* yaravuze ati, “Mbese si jye ubitegetse? Nuko komera ushikame, ntutinye kandi ntukuke umutima, *kuko Uwiteka Imana yawe iri kumwe nawe aho uzajya hose*” (Yosuwa 1:9 NKJV).

D. Umwami wanjye *Ubera Hose Icyarimwe (Ūriho Igihe Cyose)* yaravuze ati, “Kuko wambereye inkoramutima kandi ukaba uwo kubahwa nanjye, ndagukunda... *Ntutinye, kuko ndi kumwe nawe...*” (Yesaya 43:4, 5 NAS).

E. Umwami wanjye *Ubera Hose Icyarimwe (Ūriho Igihe Cyose)* iteka ari kumwe nanjye. “Yee, naho nanyura mu gikombe cy’igicucu cy’urupfu, *sinzatinya ikibi cyose; kuko uri kumwe nanjye*; inshyimbo yawe n’inkoni yawe ni byo bimpumuriza” (Zaburi 23:4).

III. Umwami kandi Umukiza wanjye ni we *Ūzi Byose (Ūmenya-Byose)*. Azi buri kintu cyose, amateka yacyo, iby’ubu n’iby’igihe kizaza bya buri kintu (Abakolosayi 2:3).

A. Umwami wanjye *Ūzi Byose (Ūmenya-Byose)* azi ibyanjye byose (Zaburi 139:1-6), kandi nyamara *ankunda urukundo ruboraho* (Yeremiya 31:3).

B. Umwami wanjye *Ūzi Byose (Ūmenya-Byose)*, mu bwenge bwose n’ubumenyi afite, yagennye ko *ibigeragezo* binyuranye, *ibihe biruhije n’ibihe by’ingorane zitari zimwe* biba bimwe mu bikwiye kumbaho mu buzima bwanjye bwa Gikristo (Abaroma 5:1-4 LIV; Yakobo 1:2-4 NLT; Yakobo 1:13-14 NLT). Ni *imiyoboro* Imana ikoresha kungeza mu muriro w’uruganda, aho imyanda yose iri mu bugingo bwanjye ijya ahabona kugira ngo nyature mbabarirwe (1 Yohana 1:9), kandi *muri iyi nzira mbona uburyo bwo gubindurirwa mu mwuka gusa na We* (Abafilipi 3:10 AMP).





C. Umwami wanjye *Ūzi Byose (Ūmenya-Byose)* mu bwenge bwose n'ubumenyi afite *imfitiye imigambi myiza*. Iyi migambi irimo nyine ahazaza heza n'ibyiringiro byanjye, kubw'iyi mpamvu menya neza ko *mfite umwanya w'igicro gikomeye mu migambi y'Imana* (Yeremiya 29:11 NIV).

D. Umwami wanjye *Ūzi Byose (Ūmenya-Byose)* azi intege nke zanjye zose, n'ibyifuzo byanjye byose, ni ukuvuga nyine n'icyifuzo cyanjye cyo gukundwa (Zaburi 139:1), ni cyo gituma yansezeranije urukundo rudashira, ruhoraho, rudashingiye ku mpamvu iyo ari yo yose cyangwa se ku mikorere yanjye (Yeremiya 31:3; Abaroma 5:6-8). *Imana* nanjye *inkunda* "Urukundo Ruhebuje," atari ku mpamvu y' uwo ndi we, cyangwa icyo ndi cyo, ahubwo ni ukubera "uwo mbereye ubwoko" (Ibyakozwe 27:23; Gutegeka 7:6-7) kandi kubera imbabazi ze zihebuje (Abefeso 2:4).

Shuti Mukundwa,

Twese uko tungana duhura n'uruhererekane rw'ama-hirwe akomeye atuzaho yishushanije nk' ibihe bibi by'uburyo budasanzwe.

— Charles Swindoll

Komera kandi Ushikame! Imana ikoresha ububasha bwayo ngo irengere kandi ikomeze abo bose b'imitima iyikunda by' ukuri:

- **Imbaraga z' Imana** (Ishoborabyose)
- **Kubaho kw' Imana** (Ibahose)
- **Kumenya kw' Imana** (Imenyabyose)

Uri uwo yironkeye (Gutegeka 7:6 MOF), kandi aragira ngo yiyerekane ko ari umunyamaboko wo kukurengera niba ufite umutima umutunganiye (2 Ngoma 16:9 NKJV).





Ingingo

I
R
I
B
U
R
I
R
O

... Amaraso ku Biganza Byacu?

“... Nagushyiriyeho kuba *umurinzi* ... n’ utagira icyo *uvuga cyo kuburira* umunyabyaha ngo ave mu nzira ye mbi, uwo munyabyaha azapfira mu gukiranirwa kwe (icyaha cye), ariko *amaraso ye* nzayabaza ikiganza cyawe” (Ezekiyeli 33:1-8 NAS).

(*Umurinzi*—ni umuntu ufite inshingano yo kuburira abandi iyo hari ishyano ririmo ribasatira. *Burira (ibanangirize)*—bituruka mu mutima w’ urukundo, kandi umutima wicishije bugufi. *Amaraso ku Biganza byacu*—bitwibutsa ko ku Mana Abakristo aribo bashinzwe kandi izababaza niba batitaye rwose ku kubwira “ubutumwa bwiza” bwa Yesu Kristo abarimbuka.)

Bakristo, uyu munsu turi “abarinzi” bashyizweho n’ Imana.

I. Ese kuki ari ikintu kihutirwa kubwira abantu ubutumwa bwe?

- A. Imana ishaka ko abantu bose bakizwa. “*Ntishaka ko bagira n’umwe urimbuka*, ahubwo ishaka ko bese bihana” (2 Petero 3:9).
- B. *Hatari Yesu nta byiringiro*. Yesu yaravuze ati, “Ni jye nzira n’ ukuri n’ ubugingo: *nta ujya kwa Data, ntamujyanye*” (Yohana 14:6 NKJV).

II. Ubutumwa bwe ni ubuhe?

Twese twakoze ibyaha ntitwashyikira icyo Imana itwifuriza (Abaroma 3:23). Umushahara kandi udukwiye (*ni ukuvuga ibihembo byacu*) *by’ ibyaha twakoze, ni urupfu* (ugutandukanywa n’ Imana ubuziraherezo). Ariko kubw’ urukundo rwayo ruhebuje, Imana yahisemo kuducungura ni ko kuduha *impano y’ ubuntu*, yo tutari dukwiye habe no kuyikorera, kandi *iyi mpano ni ubugingo buhoraho bubonerwa muri Yesu Kristo Umwami wacu* (Abaroma 6:23).

Ni kuki jye nawe Imana yadukoreye ibi?

Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane (*wowe nanjye*) byatumye ihara Umwana wayo umwe rukumbi (*Yesu*) kugira ngo ajye ku musaraba mu kimbo cyacu *apfe kubw’ ibyaha byacu*, kugira ngo *umwizera (Yesu) wese atarimbuka, ahubwo ababwe ubugingo buhoraho* (Yohana 3:16).





Ukwizera tuvuga ko gukiza umunyabyaha si ukwe-meza n' inararibonye ufite cyangwa se ubushobozi bwo gutekereza cyane, ahubwo ni ukwakira umuntu (Yesu Kristo) nk' Umwami n' Umukiza wacu; uwo mwanya duhinduka abana b'Imana, tukagirana na we ubusabane buhoraho (Yohana 1:12).

III. Ese ni bande ntumwa Ze?

Intumwa ze *ni abo bese bizeye kandi bakakira Yesu Kristo nk' Umwami wabo n' Umukiza*. Ku bamwizera bari mu Itorero rye, aravugaga ati, "...muzaba abagabo bo kumpamya I Yerusalemu n'i Yudaya yose n'i Samariya no kugeza ku mpera y' isi" (Ibyakozwe 1:8 NKJV).

IV. Ni ubuhe buryo akoresha?

A. Genda:

1. Rero aho tugenda hose *Kristo ni we twamamaza*, tuburira umuntu wese udutega amatwi, tubihanangiriza kandi tubigisha ubwenge bwose tuzi... (Abakolosayi 1:28 LIV).
2. Uko ugenda...*hindura abantu kuba abigishwa* (Matayo 28:19 NKJV).

B. Aratuma:

Kuko *umuntu wese uzambaza izina ry' Umwami, azakizwa*. Ariko se *bamwambaza bate*, bataramwizera? Kandi *bamwizera bate*, bataramwumva? Kandi *bakumva bate*, ari nta wababwirije? Kandi *babwiriza bate*, batatumwe? (Abaroma 10:13-15).

Uko tugenda buri muni, tubwira Kristo abatuzengurutse kandi duhindura abantu kuba abigishwa aho tujya hose. Kandi dushyigikira tunezerewe mu masengesho no mu mitungo yacu abo bajya aho tutashobora kujya cyangwa igihe tutabashije kugenda.



Ingingo

IRIBURIRO

V. Ni iyihe nshingano dufite?

Uko *dusenga* n'uko *tugenda*, babwire ubutumwa Bwe.

A. Inshingano y'Umwuka Wera ni:

1. *Ukumurikira umutima* w'umuntu utizera (1 Abakorinto 2:12-13).
2. *Ukwemeza ibyaha* umuntu utizera (Yohana 16:8).

B. Inshingano yacu ni:

1. *Ukumvira*—"... muzaba abagabo bo kumpamyi ..." (Ibyakozwe 1:8 NKJV).
2. *Gendera mu MBARAGA za Yesu* (Matayo 28:18-19).
3. *Gira UMUGAMBI nk'urwa Yesu*—uko ugenda, bwira abantu ubutumwa Bwe (Matayo 28:19-20).
4. *Ishingikirize ku ISEZERANO rya Yesu*—"... Ndi kumwe namwe ..." (Matayo 28:20).

VI. Ni iki kidutera umwete?

A. Urukundo

Nta bundi buryo twagaragariza urukundo Imana n'abazimiye buruta gukurikiza urugero rw'Umwami wacu, rwo gutanga ubuzima bwacu, tugapfa ku byifuzo byacu bya nyamwigendaho, kugira ngo abazimiye bakizwe. "Nta ufite urukundo ruruta urw'umuntu upfira inshuti ze" (Yohana 15:13).

B. Icyo Kwitabwaho

Abazimiye barananirwa kubona ikintu baremewe, kandi iki ni ubugingo, ndetse ubugingo bwinshi. Nta bugingo ufite utari muri Yesu; hari ukubaho nk'uhumeka byonyine. Kuko niba umuntu ashobora koko kubaho atari muri Yesu, noneho Yesu yaba yarapfiriye ubusa, kuko Yesu yavuze ati, "... Nazanywe no kugira ngo zibone





ubugingo, ndetse ngo zibone bwinshi cyane (bwuzuye kandi busāze)” (Yohana 10:10).

C. Ukumvira

Ni gute dushobora kumwita Umwami kandi ntituvuge kugira ngo tuburire abazimira? “Kandi mumpamagarira iki, muti, Data buja, Data buja, nyamara ntimukore ibyo mvuga?” (Luka 6:46 NKJV).

D. Impuhwe

Abazimiye bagenewe gutandukanywa na Kristo iteka ryose.

1. *Gehinomu si impuha ni abantu hariho hari imibabaro n’iyicwa rubozo bidahwema.* Huzuye abantu tuzi ubwacu bashobora kuba bari n’abavandimwe bacu, abaturanyi, inshuti cyangwa abo twafatanyaga mu mirimo. “Kandi abo bazajya mu ihaniro ry’iteka, naho abakiranutsi bazajya mu *bugingo buhoraho*” (Matayo 25:46).
2. *Gehinomu si impuha ni abantu hariho aho abababa bashobora kureba mu ijuru.* Bari mu mibabaro itavugwa, *bapfa iteka, ariko ntibapfe rwose.* “Ageze i kuzimu, arababazwa cyane; yubuye amaso areba Aburahamu ari kure, na Lazaro ari mu gituzi cye” (Luka 16:23 NIV).
3. *Gehinomu si impuha ni abantu hariho, batandukani-jwe n’Imana iteka ryose,* hatandukanijwe n’imbabazi zayo, hatandukanijwe n’abayikurikira (Abakristo) kandi n’ikintu cyiza cyose. “...dore hariho umworera munini bikabije hagati yacu namwe, washyiriweho kugira ngo abashaka kuva hano baza aho muri batabibasha, *kandi n’abava aho muri (i Gehinomu) batagera hano*” (Luka 16:26 NKJV).
4. *Gehinomu si impuha ni abantu hariho aho icyo usabye cyose ugihakanirwa.* “...ndakwinginze, Sogokuru, ngo nibura umwohereze kwa data, kuko mfite bene data batatu: ababurire, ngo nabo bataza aha hantu ho kubabarizwa cyane (Gehinomu).” *Ariko icyo asabye aragihakanirwa* (Luka 16:27-31).



Ingingo

IRIBURIRO

E. Kumurikira Imana

Igihe ubuzima bwo kuba mu isi buzaba burangiye, bizaba ngombwa ko duhagarara imbere y'Imana, tumurikire Imana uko twakoresheje ibyo yaduhereye mu isi. *Nta gushidikanya ko tuzabazwa kubyo gutanga ikintu cy'agaciro kiruta ibindi tweguriwe, aricyo butumwa Bwe.* "Bityo umuntu wese azamurikira Imana ibyo yakoze" (Abaroma 14:12).

F. Ukwishyura umwenda ...

Kubwira abantu ubutumwa Bwe ni umwenda w'urukundo mubereyemo. "Ariko Imana yerekanye urukundo rwayo idukunda, ubwo *Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha*" (Abaroma 5:8 JBP).

VII. Ni buryo ki dushobora kurushaho kugira umumaro mu kuvuga ubutumwa bwe?

- A. Gira imirongo ubika mu mutima wawe, uyifate mu mutwe urugero: Abaroma 3:23; Abaroma 6:23; Yohana 3:16; Yohana 1:12; Abefeso 2:8-9.
- B. *Senga* kugira ngo ubone uburyo bwo *kubwira abazimiye iyi mirongo*.
- C. *Saba Imana kugufasha utekereze ibibazo* bikoroheye wabaza abazimiye, *ibibazo bigufasha kubona uburyo uheraho ubabwira ubutumwa Bwe*.

Ingero:

- 1. Hari igihe na kimwe aho wabereyeho wigeze uha Yesu ikaze mu mu mutima wawe nk'Umwami n'Umukiza wawe?
- 2. Mbese uri Umukristo? Kumenya Umwami kwawe byaje bite? (Ibi bibazo byombi bigomba kubarizwa rimwe)
- 3. Mbese wakirijwe mu iteraniro ry'abasenga Imana, cyangwa hari umuntu runaka wakubwirije ubutumwa bukugeza k'ukwizera Kristo?
- 4. Ni buryo ki wageze ku ingingo yo gusaba Yesu kuza gutura mu mutima wawe? Wambwira uko byagenze.





5. (Niba waramwakiriye) wari ufite imyaka ingahe igihe wahaga Kristo ikaze mu bugingo bwawe? Byanshimisha cyane numvise uko byakugendekeye.

D. Twara *uburyo bwose ubonye kubwira abantu* ubutumwa bwe nk' *amahirwe atanzwe n' Imana na gabunda yat-eguwe nayo*.

E. *Ntutegereze igihe uri buvuye ibintu washyize kuri gabunda kandi waboneje*. Ubusanzwe Imana ihitamo kwerekanira imbaraga zayo mu ntege nke zacu.

Abantu benshi igihe kimwe bambwiye iby' inshuti yabo yari ifite amashuri make cyane. Yari yarafashe mu mutwe ibyanditswe bitatu gusa, ariko mu mwaka umwe yayoboye abantu 300 ku Mwami. Kuri jye byumvikana yuko uyu yitabiraga neza inshingano yo kuvuga ubutumwa—"Nuko rero aho tujya hose tuvuga Kristo tumubwira abatwumva bese..." (LIV), "Ni we twamamaza, tuburira umuntu wese..." (Abakolosayi 1:28).

Si ubwinshi bw' ibyo tuzi cyangwa ukumenya kuvuga nk' intyozza, ahubwo ni ukumaramaza ndetse n' ubushake dufite bwo kubwira abantu ibyo tuzi k' uwo tuzi... (Yesu).

Andika hepfo *impamvu cyangwa inzitwazo wizera ko Imana yakwemera uramutse utavuze* ubutumwa bwa Yesu (ubutumwa bwiza) aho ujya hose uhura n' abashaka kumva.



Ingingo

I
R
I
B
U
R
I
R
O

Ivuga-Butumwa rya Buri Munsu:

1. **Gira Ubwenge**—“... *umuntu w’umunyabwenge* afatira Imana mpiri ubuzima bw’abantu [nk’uroba abantu]—abateraniriza hamwe kandi akabakirira kuzaba m’ubugingo buhoraho” (AMP), “... Kandi umunyabwenge agarura imitima” (Imigani 11:30).
2. **Vugisha Ukuri—Vuga Yesu** (Abakolosayi 1:28). Vuga Ijambo rye, Uwo Ari We, icyo akumariye, ibyo yagukoreye n’ibyo ashaka kubakorera.
3. **Habe**—Niba utari umwe mu bavuga ubutumwa, tangira none aha. Niba Itorero usengeramo ryigisha kwizera, Ivugabutumwa cyangwa iyindi nyigisho y’ivugabutumwa, *iyandikishe* ukimara kwiga Imbona Nkubone n’Imana. Niba kandi inyigisho y’ivugabutumwa idatangwa mu Itorero ryawe, *shaka uwo ari wese* muri iryo Torero ujya ubwiriza abantu akabayobora ku Mwami Yesu. Mubaze niba bakwemerera kujya ukorana na we ivugabutumwa byibuze amezi ane uhereye igihe muvuganye. “*Ba igikorersho... kigirira nyiracyo umumaro, kandi cyatunganirijwe imirimo myiza yose*” (2 Timoteyo 2:21). [Icyitonderwa: Niba abantu babiri bajyanye bonyine, abagabo bagomba kujyana n’abagabo, n’abagore bakajyana keretse niba babiri bajyanye ari abashakanye, ni bitaba ibyo bombi bafatwe nk’ingaragu.]
4. **Shira Amanga**— “... kuko ubwayo (Imana) yavuze iti, Sinzagusiga na hato, kandi ntabwo nzaguhana na hato. *Ni cyo gituma tuvuga dushize ubwoba tuti: Uwiteka ni umutabazi wanjye, sinzatinya. Umuntu yabasha kuntuwara iki?*” (Abaheburayo 13:5-6)
5. **Ube Witeguye—Ubutumwa bwiza mu magambo make kandi asobanutse ni ubu**: Imana yera yaje ku isi ari umuntu (Yesu), *gupfira* ku musaraba w’imibabaro itavugwa kugira ngo yishyurire ibyaha byawe nanjye. Nyuma yo kubambwa kwe *yarahambwe*, ariko urupfu narwo ntirwashoboye kumutsinda kuko *yazutse* akava mu mva. *None ubu Imana iduha kunesha binyuze mu Mwami wacu Yesu Kristo*; nuko rero, dukwiriye gutumbira, tutanyeganyezwa kandi iteka turushaho gukora imirimo y’Umwami Yesu (1 Abakorinto 15:3-4, 57-58).





Ni he Usanga Agaciro n'Akavũro Byawe?

Ibintu bitatu binyemeza rwose ko *Yesu ashoboye gukora kandi azakora rwose umurimo uhebuje kuba mwiza wo kuyobora ubuzima bwanjye kurusha uko nabikora ubwanjye:*

1. Reba: Yesaya 45:22 (RSV)

Nimumpugukire mukizwe, mwa bari ku mpera z' isi mwese mwe; kuko *ari jye Mana*, nta yindi ibaho.

Reba: Yohana 10:30 (NKJV)

Jyewe na Data turi umwe.

Imana yivugaho ko ari Imana, kandi Yesu avuga ko We na Se ari Umwe. Bamwe barabivuga ko Yesu yari umuntu mwiza, ariko kandi ngo si Umwana w' Imana. *Yesu ni Imana*, bitabaye ibyo yaba ari umusazi, cyangwa umunyabinyoma! Kuko ataba umuntu mwiza kandi ngo agaruke abeshye ku byerekeye uwo yari we. *Ni Imana*. Nk' Imana rero, amenya byose, kandi iteka ari kumwe natwe, yiteguye kandi anashoboye kutuyobora no guha ubuzima bwacu icyerekezo.

Yesu ashoboye gukora kandi azakora rwose umurimo uhebuje kuba mwiza wo kuyobora ubuzima bwanjye kurusha uko nabikora ubwanjye kuko:

Ari _____.

2. Reba: Matayo 28:18 (NKJV)

Nuko Yesu arabegera, avugana nabo, ati:
Nabawe ubutware bwose mu ijuru no mu isi.





Ingingo

Reba: Abefeso 1:19-22 (NKJV)

Mumenye *n'ubwinshi bw'imbaraga zayo butagira akagero*, izo iha twebwe abizeye, nk'uko *imbaraga z'ububasha bwayo bukomeye* ziri, izo yakoreye muri Kristo, ubwo yamuzuraga mu bapfuye, ikamwicaza iburyo bwayo ahantu ho mu ijuru, *imushyize hejuru y'ubutware bwose n'ubushobozi bwose, n'imbaraga zose, n'ubwami bwose, n'izina ryose rivugwa, uretse muri iki gihe gusa, abubwo no mu bihe bizaza*. Kandi *yamuhaye gutwara byose, ibishyira munsu y'ibirenge bye*, imuha Itorero ngo abe umutwe waryo usumba byose.

Reba: Mariko 4:39-41 (NKJV)

Akangutse, acyaha umuyaga, abwira inyanja, ati: Ceceka utuze. Umuyaga uratuza, inyanja iratungana rwose. Arababaza ati: Ni iki kibateye ubwoba, ntimurizera? Baratinya cyane, baravugaga bati: Mbega uyu ni muntu ki, utuma *umuyaga n'inyanja bimwumvira!*

Reba: 1 Timoteyo 6:15 (JBP)

Imana *ni yo ifite ubutware yonyine, ikwiriye ishimwe*, ni yo Mwami w'abami, n'Umutware utwara abatware....

Yesu ashoboye gukora kandi azakora rwose umurimo uhebuje kuba mwiza wo kuyobora ubuzima bwanjye kurusha uko nabikora ubwanjye kuko:

Ni umunyambaraga UTW__R__ ibintu byose.

3. Reba: Gutegeka 7:9 (NKJV)

Nuko none menya yuko Uwiteka Imana yawe ari yo Mana; ni *Imana yo kwizerwa*, ikomeza gusohoreza isezerano no kugirira ibambe





Ingingo

abayikunda, bakitondera amategeko yayo,
ikageza ku buzukuruza babo b'ibihe igihumbi.

Reba: 1 Abakorinto 1:9 (NKJV)

Imana *ni iyo kwizerwa*, yabahamagariye gufata-
tanya n'Umwana wayo Yesu Kristo, Umwami
wacu.

Reba: 2 Abatesalonike 3:3

Ariko Umwami *ni uwo kwizerwa*, ni we
uzakomeza mwebwe, abarinde Umubi.

Reba: 2 Timoteyo 2:13 (NKJV)

Kandi nubwo tutizera, we ahora ari *uwo kwiz-
erwa*, kuko atabasha kwivuguruza.

*Yesu ashoboye gukora kandi azakora rwose
umurimo uhebuje kuba mwiza wo kuyobora
ubuzima bwanjye kurusha uko nabikora ubwan-
jye kuko:*

Ari uwo _____.

Incamate:

Ibi bintu bitatu binyemeza rwose ko Yesu ashoboye
gukora kandi azakora rwose umurimo uhebuje kuba
mwiza wo kuyobora ubuzima bwanjye kurusha uko
nabikora ubwanjye:

Yesu ni:

1. I ____ NA.
2. Umunyambaraga **UTW__R__** ibintu byose.
3. **Uwo KW__ZER__A.**





Ingingo

Incamake

Kuki nkwiriye Kwemerera Yesu Kristo Kuba Ishingiro n'Umwami w'Ubuzima Bwanjye?

- A. **Yesu** ni we shingiro n'Umwami w'ibyaremwe byose, noneho akwiriye kuba ishingiro n'Umwami w'ubuzima bwanjye.
- B. **Yesu** yarandemye.
- C. **Yesu** yaranguze.
- D. **Yesu** angororera ubugingo, ndetse bwinshi busāze.
- E. **Yesu** ni Urufunguzo rwo kubaho ubuzima bwa Gikristo bunesha, kand bugengwa n'Umwuka Wera.
- F. **Yesu** ashoboye gukora kandi azakora rwose umuri-mo uhebuje kuba mwiza wo kuyobora ubuzima bwanjye kurusha uko nabikora ubwanjye, kuko ari:
 - 1. **Imana.**
 - 2. **Umunyambaraga utwara ibintu byose.**
 - 3. **Uwo kwizerwa.**

I
G
A

III. Nagenza nte ngo nemerere Yesu Kristo kuba ishingiro n'Umwami w'ubuzima bwanjye?

A. *Iyemeze kubaho umunsi wa none buri gibe.* Shimikira ku ukwemerera Yesu Kristo kuba ishingiro n'Umwami w'ubuzima bwanjye *uyu munsi wa none.*

Reba: Matayo 6:9-13 (NKJV)

Nuko musenge mutya muti: Data wa twese uri mu ijuru, izina ryawe ryubahwe, ubwami bwawe buze, ibyo ushaka bibeho mu isi nk'uko biba mu ijuru; uduhe none ibyo kurya byacu by' *uyu munsi*; uduharire imyenda yacu, nk'uko natwe twahariye abarimo imyenda yacu; ntuduhane mu bitwoshya, ahubwo udukize Umubi; kuko ubwami n'ubushobozi n'icyubahiro ari ibyawe, none n'iteka ryose. Bibe bityo. Amen.

B. *Koresha uburyo* Imana yaduhereye gushakisha uko *kuyoborwa* na yo kandi imihati yacu ikambikwa ikambira ry' *amahirwe*.

Reba: Imigani 3:4-6 (LIV)

Ni bwo uzagira umugisha n'ubwenge nyakuri mu maso y'Imana n'abantu. *Wiringire Uwitaka n'umutima wawe wose*, wē kwishingikira ku buhanga bwawe; *ubore umwemera mu migendere yawe yose, na we azajya akuyobora inzira unyuramo.*

Uburyo

Iringire Kristo n'Umutima wawe wose
+
Shyira Kristo imbere mu byo ukora byose
=
Kuyoborwa n'amahirwe bituruka ku Mana



Ingingo

Reka tube duhagarariye aha kugira ngo tubanze tuganire k'umumaro wo *kwiringira Kristo n'umutima wose*.

1. Ibi bisobanura iki?

Bivuga ukwiyegamiza kandi ukishingikiriza kuri Yesu utizigamye, byiyongera ku gakiza ufite.

2. Kuki ukwiriye kwiringira Kristo n'umutima wanjye wose?

a) Reba: Abaheburayo 11:6 (NKJV)

Ariko utizera ntibishoboka ko ayinezexa: kuko uwegera Imana akwiriye kwizera ko iriho, ikagororera abayishaka.

Igisubizo ...

b) Reba: Habakuki 2:4

Dore, umutima we wishyize hejuru, ntumutunganyemo; *ariko umukiranutsi azabeshwaho no kwizera*.

Reba: Abaroma 1:17 (NKJV)

Kuko muri bwo ari na mwo gukiranuka kuva ku Mana guhishurirwa, guheshwa no kwizera, kugakomezwa na ko, nk'uko byanditswe ngo: *ukiranuka azabeshwaho no kwizera*.

Reba: Abagalatiya 3:11

Biragaragara yuko ari nta muntu utsindishirizwa n'amategeko imbere y'Imana, kuko *ukiranuka azabeshwaho no kwizera*.

Reba: Abaheburayo 10:38 (NKJV)

Ariko *umukiranutsi wanjye azabeshwaho no kwizera*; nyamara n'asubira inyuma, umutima wanjye ntuzamwishimira.





Ingingo

Igisubizo ...

c) Reba: Imigani 3:4-6 (LIV)

Ni bwo uzagira umugisha n'ubwenge nyakuri mu maso y'Imana n'abantu. Wiringire Uwikete n'umutima wawe wose, wē kwishingikiza ku buhanga bwawe; uhore umwemera mu migendere yawe yose, na we azajya akuyobora inzira unyuramo.

Igisubizo ...

Nitwiringira Umwami Yesu n'umutima wacu wose, Imana idusezeranya ko _____.

d) Reba: Mariko 9:23 (NKJV)

Yesu aramubwira ati: Uvuze ngo, Niba mbishobora? Byose bishobokera *uwizeye*.

Reba: Yohana 15:4-5 (NKJV)

Mugume muri jye, nanjye ngume muri mwe. Nk'uko ishami ritabasha kwera imbuto ubwaryo, ritagumye mu muzabibu, ni ko namwe mutabibasha, nimutaguma muri jye. Ni jye muzabibu, namwe muri amashami. Uguma muri jye, nanjye nkaguma muri we, uwo ni we wera imbuto nyinshi, kuko ari *ntacyo* mubasha gukora mutamfite.

Igisubizo ...

Byose bishobokera _____.

Ariko tutamufite _____ twakora.

e) Reba: Zaburi 62:8 (NKJV)

Mwa bantu mwe, *mujye muyiringira*: ibyo mu mitima yanyu mubisuke imbere yayo: Imana ni yo buhungiro bwacu.





Ingingo

Igisubizo ...

Ijambo ry' Imana ritwihanangiriza kumwiringira _____.

3. Ni buryo ki nshobora kwiringira Umwami Yesu n' umutima wanjye wose?

- a) We kwishingikiriza ku bwenge bwawe, byibuze uyu muni wa none, ahubwo wishingikirize ku bwenge bw' Imana, kubera izi mpamvu zikurikira:

Reba: Yohana 5:24 (NKJV)

Ni ukuri ni ukuri ndababwira yuko uwumva Ijambo ryanjye, akizera uwantumye, aba *afite ubugingo buhoraho*, kandi ntazacirwaho iteka, ahubwo aba avuye mu rupfu, ageze mu bugingo.

Reba: Yohana 10:28

Nziha ubugingo buhoraho, kandi ntizizarimbuka iteka ryose, kandi ntaw'uzazivuvunura mu kuboko kwanjye.

Igisubizo ...

A G A K _ _ Z _ _

Reba: 1 Abakorinto 10:13 (JBP)

Nta kigeragezo kibasha kubageraho kitari urusange mu bantu; kandi Imana ni iyo kwizerwa, kuko itazabakundira kugeragezwa ibiruta ibyo mushobora, ahubwo hamwe n' ikibagerageza *izabacira akanzu*, kugira ngo mubone uko mubasha kucyihanganira.

Igisubizo ...

G U T A B _ _ R W _ _



Ingingo

Reba: 2 Abakorinto 12:9-19 (JBP)

Ariko arampakanira ati: Ubuntu bwanjye buraguhaguje; kuko aho intege nke ziri, ari ho imbaraga zanjye zūzura. Nuko nzanezererwa cyane kwirata intege nke zanjye, ngo imbaraga za Kristo zinzeho. Ni cyo gituma kubwa Kristo nzirata intege nke zanjye, no guhemurwa, nzishimira n' imibabaro no kurenganywa n' ibyago. Kuko iyo mbaye umunyanteg nke, ari ho *ndushaho kugira imbaraga muri we*.

Igisubizo . . .

I M B _ _ A G A

Reba: 1 Petero 5:5b-7 (NKJV)

Kuko Imana irwanya abibone, naho abicisha bugufi ikabahera ubuntu. Nuko mwicishe bugufi, muri muni y' ukuboko gukomeye kw' Imana, kugira ngo ibashyire hejuru mu gihe gikwiriye. Muyikoreze *amaganya* yanyu yose, kuko *yita kuri mwe*.

Igisubizo . . .

G U _ _ M U R I Z W A

Reba: Abafilipi 4:19 (NKJV)

Kandi Imana yanjye izabamara *ubukene* bwanyu bwose, nk'uko ubutunzi bw'ubwiza bwayo buri muri Kristo Yesu.

Igisubizo . . .

U B _ _ E N E

Reba: Imigani 3:5-6 (NKJV)

Wiringire Uwiteka n' umutima wawe wose, we kwishingikiriza ku buhanga bwawe; uhore umwemera mu migendere yawe yose, na we azajya *akuyobora* inzira unyuramo.



Ingingo

Igisubizo ...

KUY __ B __ RWA

Reba: 1 Yohana 1:9 (NKJV)

Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwiz-
erwa kandi ikiranukira *kutubabarira* ibyaha
byacu, no kutwezaho gukiranirwa kose.

Igisubizo ...

KUB __ B __ RIRA

- b) Reka tuvuge ko tubonye umumaro kwizera
kandi ko twifuje kurushaho kugira ukwizera
gusumbye. *Ni buryo ki twakongeranya cyangwa
twakuzza ukwizera Imana yaduhaye?*

Reba: Luka 17: 5-9 (NLT)

Maze intumwa zibwira Umwami Yesu ziti:
Twongerere ukwizera. Umwami ati: Mwa-
gira kwizera kungana n' akabuto ka sinapi,
mwabwira uyu mukuyu muti: Randuka, uter-
we mu nyanja, na wo wabumvira. Ariko ni
nde muri mwe ufite umugaragu umuhingira
cyangwa umuragirira intama, wamubwira
akiva ku murimo, ati: Igira hano vuba wicare
ufungure? Ahubwo ntiyamubwira ati, *Banza
untunganirize ibyo kurya byanjye, ukenyere,
umpereze kugeza ubwo ndangiza kurya no
kunywa*, maze hanyuma nawe ubone kurya?
Mbese yashima uwo mugaragu kuko yakoze
ibyo ategetswe?

Igisubizo ...

Iteka shyira Imana imbere y' ibindi.

Itangazo:

- (1) *Iteka* umugaragu *ashyira Shebuja mbere y' ibindi
byose.*
- (2) Ubu ni bumwe mu buryo (gereranya n'ibiri ku
rupapuro 98), butubwira uko twabona *kuy-
oborwa kw' Imana n' amahirwe nyakuri.*





Ingingo

C. *Fata icyemezo kidasubirwaho cy'ubuzima bwawe bwose* cyo kwemerera Yesu Kristo kuba ishingiro n'Umwami w'ubugingo bwawe. Ikigaragaza uku kumwiyegurira ni ukwizinukwa mu mibereho yawe yose, uhereye none ukiyegurira kuyoborwa n'Imana.

1. Kumwegurira Ubuzima bwawe bwose

Reba: Mariko 8:34 (NKJV)

Ahamagara abantu n'abigishwa be, arababwira ati: Umuntu n'ashaka kunkurikira, *niiyange, yikorere umusaraba we, ankurikire.*

Reba: Abaroma 6:13 (TCNT)

Kandi ntumuhe ibyaha ingingo zanyu kuba intwaro zo gukiranirwa: ahubwa *mwitange, mwihe Imana nk'abazuke*, n'ingingo zanyu muzihe Imana kuba intwaro zo gukiranuka.

2. Uhore Uvugurura Icyo Cyemezo cy'Ubuzima Bwawe.

Reba: Luka 9:23 (NKJV)

Abwira bese ati: Umuntu n'ashaka kunkurikira, *niiyange, yikorere umusaraba we iminsi yose*, ankurikire.

3. Icyo *usarura* muri uku kuyiyegurira, guhora ubivugurura, kwiya no kwiye gurira ukuyoborwa n'Imana ni *ukuzura Umwuka Wera*, aribyo nyine bisobanurwa ngo, Kuyoborwa n'Imana.

Kuyoborwa n'Imana mu buzima bwacu biba mu rugero n'urwego tumaramajemo, tuyiyeguriyemo kandi twizinutswe mo.





Ingingo

D. Menya kandi usobanukirwe ko *imbogamizi iruta izindi* yo kwemerera Yesu Kristo kuba ishingiro n'Umwami w'ubuzima bwawe ari *icyaha*. Iyo dukoze icyaha, tuba twongeye kandi gusubirana mu byacu biganza kwa kuyoborwa n'Imana twari twaritwa (twarayihaye).

Noneho, iyo bibaye bitya dukora iki? Icyo dukora ng'iki kandi kiroroshye:

1. *Atura* icyo cyaha *ako kanya*.

Reba: 1 Yohana 1:9 (NKJV)

Ariko *nitwatura* ibyaha byacu, *ni yo yo kwiz-erwa* kandi ikiranukira *kutubabarira* ibyaha byacu, no *kutwezaho* gukiranirwa kose.

2. *Ongera* uhe (*wegurire*) *Imana kuba ari yo ikuyobora*.

Reba: Abaroma 6:13

Mwitange, mwihe Imana nk'abazuke, n'ingingo zanyu muzihe Imana kuba intwari zo gukiranuka.

Reba: Yosuwu 24:23 (NIV)

Mukomereze imitima yanyu k'Uwiteka Imana...

I
G
A



Ingingo

Incamake

Nagenza nte ngo nemerere Yesu Kristo kuba ishingiro n' Umwami w' ubuzima bwanjye?

- A. Iyemeze *kubaho umunsi wa none buri gihe*. Shimikira ku *kwemerera Yesu Kristo kuba ishingiro n' Umwami w' ubuzima bwawe umunsi wa none*.
- B. Koresha *uburyo* Imana yaduhaye bwo gushakisha *kuyoborwa* na yo kandi imihati yacu ikambikwa ikamba ry' *amahirwe*.

Uburyo

Iringire Kristo n' Umutima wawe wose
+
Shyira Kristo imbere mu byo ukora byose
=
Kuyoborwa n' amahirwe bituruka ku Mana

- C. Kora *ubwitange bw'ubuzima bwawe bwose wemerere Yesu Kristo kuba ishingiro n' Umwami w' ubuzima bwawe*, hanyuma *uhore uvugurura icyo cyemezo cy'ubuzima bwawe*.
- D. Menya kandi usobanukirwe ko *imbogamizi iruta izindi* yo kwemerera Yesu Kristo kuba ishingiro n' Umwami w' ubuzima bwawe ari icyaha.

Menya:

1. *Kwatura* icyaha ukigikora.
2. *Kongera* kwiye gurira Imana kuba ari yo ikuyobora.





Ingingo



Copyright 1964 by the Navigators
STUDIES IN CHRISTIAN LIVING
"Fellowship with Christ"
Used by permission.

I
G
A

Ziriya nkingi zitwereka *uburyo imbaraga za Kristo zikorera mu mibereho yacu*. Uko umubano wacu n'Imana ukomezwa biragaragarira muri iriya nkingi ihagaritswe—Ijambo ry'Imana no gusenga—Ijambo ni byo *byokurya* byacu *by' Umwuka*, ni na ryo *nkota yacu* y' intambara y' Umwuka. Ni ryo *nkingi igize urufatiro rwo kubaho ubuzima bwa Gikristo nyakuri*.



Ingingo

Kwiyuzuzamo Ijambo ry' Imana

I. Ibi bisobanura iki?

Bivuze ko iyo ngize *umugabane w' Ijambo ry' Imana niga buri muni*, ririkoresha buhoro buhoro, mu byo rivuga, mu byo risobanura, mu byo ryigisha, muri kamere y' imitekerereze yaryo ndetse n' uko rigaragaza Data wa twese, n'Umwana wayo n'Umwuka Wera *mu mibereho yanjye yose rikampindura*.

II. Ni kuki ngomba kwiyuzuzamo Ijambo ry' Imana?

Shakira ibisubizo mu byanditswe, kandi unuzuze mu myanya yabugenewe.

A. Reba: Matayo 4:4 (NKJV)

Aramusubiza ati: Handitswe ngo: Umuntu ntatungwa n' umutsima gusa, *ahubwo atungwa n' amagambo yose* ava mu kanwa k' Imana.

Ni ngombwa kuzuza Ijambo ry' Imana mu bugingo bwanjye ku rugero rusabye kuko umutsima wonyine udahagije. Imana ishaka ko twizihirirwa **I _ _ M B O** ryayo.

B. Reba: Abafilipi 2:16 (NKJV)

Mwerekana *Ijambo ry' ubugingo*; kugira ngo mbone uko nzishima ku muni wa Kristo, yuko ntirukiye ubusa, kandi nkaba ntaruhijwe n'ubundi.

Ni ngombwa kuzuza Ijambo ry' Imana mu bugingo bwanjye ku rugero rusabye kuko ari Ijambo ry' **U B _ G _ N G O**.

C. Reba: Yesaya 55:11 (NKJV)

Ni ko Ijambo ryanjye riva mu kanwa kanjye rizamera; *ntirizagaruka ubusa, ahubwo rizasohoka ibyo nshaka*, rizashobora gukora ibyo naritumye.





Ingingo

Nkwiriye kwiuzuzamo Ijambo ry'Imana kuko buri gihe risohoza **U __ U G __ M B __** Imana yangeneye.

D. Reba: 2 Timoteyo 3:16

Ibyanditswe byera byose *byahumetswe* n'Imana, kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu, no kumwemeza ibyaha bye, no kumutunganya, no kumuhanira gukiranuka.

Reba: 2 Petero 1:21 (NKJV)

Kuko ari nta buhanuzi bwazanywe n'ubushake bw'umuntu, *ahubwo abantu b'Imana bavugaga ibyavaga ku Mana, bashorewe n'Umwuka Wera.*

Ni ngombwa kuzuzamo Ijambo ry'Imana mu bugingo bwanjye ku rugero rusabye kuko Ibyanditswe byera byose ari **I M P __ M __ K O** y'Imana.

E. Reba: Yohana 17:17 (NKJV)

Ubereshe ukuri: Ijambo ryawe ni *ukuri*.

Ni ngombwa kuzuzamo Ijambo ry'Imana mu bugingo bwanjye ku rugero rusabye kuko Ijambo ry'Imana ari **U K __ R __**.

F. Reba: Abaheburayo 4:12 (RSV)

Kuko Ijambo ry'Imana ari *rizima, rifite imbaraga*, kandi rikagira ubugi buruta ubw'inkota zose, rigahinguranya, ndetse rikagera ubwo rigabanya ubugingo n'umwuka, rikagabanya ingingo n'umusokoro, kandi rikabangukira kugenzura ibyo umutima wibwira, ukagambirira.

Nkwiriye kwiuzuzamo Ijambo ry'Imana kuko Ijambo ryayo ari _____ kandi _____.

G. Reba: Yesaya 40:8

Ubwatsi buraraba, uburabyo bugahunguka, ariko Ijambo ry'Imana yacu rizahoraho *iteka ryose*.

I
G
A

Ingingo

Nkwiriye kwiuzuzamo Ijambo ry'Imana kuko Ijambo ry'Imana rizahoraho _____.
Rizarama.

H. Reba: Zaburi 19:7-11 (NIV)

Amategeko y' Uwiteka *atungana rwose*, asubiza intege mu bugingo, iby'Uwiteka ni ibyo *kwizerwa*, biha umuswa ubwebge, amategeko Uwiteka yigishije *araboneye*, anezeza umutima, ibyo Uwiteka yategetse *ntibyanduye*, bihwejesha amaso. Kubaha Uwiteka ni kwiza, guhoraho iteka ryose, amateka y'Uwiteka ni ay' *ukuri*, ni ayo *gukiranuka rwose*. *Bikwiriye kwifuzwa* kuruta izahabu, naho yaba izahabu nziza nyinshi: *biryoberera kuruta ubuki* n' umushongi w' ibinyagu utonyanga. Kandi ni byo *bihana* umugaragu wawe; kubyitondera harimo *ingororano ikomeye*.

Ni ngombwa kuzuzanya Ijambo ry'Imana mu bugingo bwanjye ku rugero rusabye kuko Ijambo rye:

R__B__N__YE, ari iryo KW__Z__RWA,
R__T__NG__NY__, RIT__ND__YE,
ari iry'UKU__, kandi
RIK__R__NUKA. Ni iry'IGIC__R__
kuruta izahabu kandi
BIRYOHE__RA KURUTA ubuki n'
umushongi w' ibinyagu utonyanga. Kandi ni ryo
R__DUH__NA. Kuryitondera harimo
ING__ROR__NO ikomeye.

I. Reba: Zaburi 107:20 (NKJV)

Akohereza Ijambo rye, *akabakiza indwara*,
akabakiza kwinjira mu mva zabo.

Ni ngombwa kuzuzanya Ijambo ry'Imana mu bugingo bwanjye ku rugero rusabye kuko Ijambo ry'Imana
R__K__ZA.

J. Reba: Zaburi 119:30 (NKJV)

Guhishurirwa amagambo yawe kuzana *umucyo*;
guha abaswa *ubwenge*.



Ingingo

Nkwiriye kwiuzuzamo Ijambo ry’Imana kuko
Ijambo ry’Imana ritanga **U __ U __ Y O**
n’ **U B W __ __ G E**.

K. Reba: Yohana 8:31-32 (AMP)

Nuko Yesu abwira abayuda bamwemeye, ati:
Ni muguma mu Ijambo ryanjye—ni ukuvuga
ngo, ni mukomeza inyigisho zanjye kandi mu-
kazikurikiza—muri abigishwa banjye nyakuri;
kandi muzamenya *ukuri*, kandi uko *kuri kuz-
ababatura*.

Nkwiriye kwiuzuzamo Ijambo ry’Imana kuko
dufite isezerano ry’Imana ko nituguma mu Ijambo
ryayo, kandi tugakurikiza ibyo ritwigisha, tuzame-
nya

U __ U __ I, kandi uko **K __ R __**
KUZAT __ __ TURA. Umudendezo nyakuri
mu buzima ubonerwa muri Yesu no mu Ijambo rye,
honyine.

L. Reba: Abaroma 10:17 (NKJV)

Dore, *kwizera* guheshwa no kumva, no kumva
kukazanwa n’ Ijambo rya Kristo.

Nkwiriye kwiuzuzamo Ijambo ry’Imana kuko
Ijambo ry’Imana rizana **K W __ Z __ R A**.

M. Reba: Zaburi 119:162 (NLT)

Nishimira Ijambo ryawe, nk’ ubonye iminyago
myinshi.

Nkwiriye kwiuzuzamo Ijambo ry’Imana kuko
Ijambo ry’Imana rimpa impamvu yo

K W __ S H __ M A nk’ ubonye ubutunzi buta-
vugwa.





Ingingo

N. Reba: Zaburi 119:9-11 (LIV)

Mbese umusore yagenza ate ngo agire imi-bereho iboneye? Yakurikiza Ijambo wavuze.
Nkushakisha umutima wanjye wose; ntundeke ngo nteshuke ndeke ibyo wategetse. Nabikiye Ijambo ryawe mu mutima wanjye, *kugira ngo ntazagucumuraho.*

Nkwiriye kwiyuzuzamo Ijambo ry'Imana kuko Ijambo ry'Imana rituma nta **CUM** ____ .

O. Reba: Zaburi 119:133 (NIV)

Ujye utunganya intambwe z' ibirenge byanjye mu Ijambo ryawe; *gukiranirwa* kwe kuntegeka.

Nkwiriye kwiyuzuzamo Ijambo ry'Imana kuko ari bwo Imana **IZAYO** __ **ORA** intambwe z' ibirenge byanjye kugira ngo **GUK** __ **R** __ **N** __ **RWA** kwe kuntegeka.

P. Reba: 1 Petero 1:23

Kuko *mwabyawe ubwa kabiri*, mutabyawe n' imbuto ibora, ahubwo mwabyawe n' imbuto itabwora, mubiheshejwe n' Ijambo ry'Imana rizima kandi rihoraho.

Nkwiriye kwiyuzuzamo Ijambo ry'Imana kuko Ijambo ry'Imana ari ryo sooko y' **UB** __ **G** __ **NGO** bushya.

Q. Reba: 1 Petero 2:2 (NKJV)

Mumere nk'impinja zivutse vuba, mwifuze amata y'Umwuka adafunguye kugira ngo abakuze...

Reba: Ibyakozwe 20:32 (AMP)

Kandi none, bene Data, mbaragije Imana—ni ukuvuga ngo, mbashyize mu burinzi bwayo, ndayibahaye ngo ibarinde kandi ibiteho. Kandi mbaragije Ijambo ry'ubuntu bwayo—ku mategeko yayo, n' inama zayo n' amasezerano y'





Ingingo

imbabazi z' ubuntu bwayo. *Iryo Jambo ribasha kububaka rwose* no kubaha umurage, wanyu nk' abana, hamwe n' abatoranijwe n' Imana bose— abo ub'ubugingo bwejejwe bose, buboneye kandi bwahindutse rwose.

Nkwiriye kwiuzuzamo ijambo ry'Imana kuko Ijambo ry'Imana ribasha **KUNY__B__K__**.

R. Reba: 2 Timoteyo 3:16

Ibyanditswe byera byose byahumetswe n' Imana, kandi *bigira umumaro wo kwigisha umuntu, no kumwemeza ibyaha bye, no kumutunganya, no kumuhanira gukiranuka.*


Igishushanyo...

Kwigisha

Bikwereka inzira
ugomba kunyuramo...

Amabwiriza

Akwereka uko
uguma muri iyo nzira...



Gukosora
Bikwereka uko
wagaruka mu nzira...

Igihano
Kikwereka aho
wateshutse inzira...

Excerpted from *Design for Discipleship*,
"The Spirit-Filled Christian"
Copyright 1973, 1980 by The Navigators
Used by permission.

Ukurikije icyanditswe cyo haruguru, Ijambo ry'Imana rigira umumaro wo:

KW__G__SHA
KUD__H__N__RA gukiranuka
GUK__S__RA
KUD__T__NG__NYA





Ingingo

Ukurikije igishushanyo kiri haruguru, intego yo:

Inyigisho ni ukutwerekana: _____

Gucyaha ni ukutwerekana: _____

Gukosora ni ukutwerekana: _____

Amabwiriza atwerekana: _____

S. Reba: Yeremiya 15:16 (NLT)

Amagambo yawe amaze kuboneka *ndayarya*,
maze ambara *umunezero* n' *ibyishimo*
by'umutima wanjye: kuko nitiriwe izina ry-
awe, Uwiteka, Mana nyir'ingabo.

Nkwiriye kwiyuzuzamo Ijambo ry'Imana kuko
ama-gambo Ye ari yo **A M B _ S H _ H O**.

Anzanira **U M _ N _ Z _ R _** mwinshi
n'

I B Y _ S H _ M _ by'umutima wanjye.

T. Reba: 2 Timoteyo 3:17 (AMP)

Kugira ngo umuntu w'Imana abe *yuzuye*
kandi *ashyitse*, *afite ibimukwiriye byose*, ngo
akore imirimo myiza yose.

Ni ngombwa kuzuza Ijambo ry'Imana mu bug-
ingo bwanjye ku rugero rusabye kuko imwe mu
ntego

z'Ijambo ry'Imana ari ugufasha Abakristo kuba
B _ Z _ Y _ kandi **B _ S H Y _ _ _ E**,
bashikamye kandi **B _ F _ T**





Ingingo

I B I B _ K W _ R I _ E B Y O _ _ ngo bakore imirimo myiza.

U. Imana ikoresha Ijambo ryayo mu buzima bwacu mu buryo bwinshi. Uburyo Imana ikoresha Ijambo ryayo bwagereranywa n':

1. Reba: Zaburi 119:105 (NKJV)

Ijambo ryawe ni *itabaza* ry' ibirenge byanjy ni umucyo umurikira inzira yanjye.

I T _ B _ Z _

2. Reba: Yereimiya 23:29

Mbese Ijambo ryanjye ntirimeze nk' *umuriro*?
Cyangwa nk' *inyundo* imenagura urutare?

U M _ R _ R _ n' I N Y _ N D _

3. Reba: Luka 8:11

Dore, iby' uyu mugani ni ibi: *imbuto* ni Ijambo ry Imana.

I M B _ T _

4. Reba: Abefeso 6:17

Mwakire agakiza, kabe ingofero; mwakire n' *inkota* y' Umwuka, ni yo Jambo ry' Imana.

I N K _ T _

V. Reba: 1 Yohana 5:13 (NKJV)

Ibyo ndabibandikiye, mwebwe abizeye izina ry' Umwana w' Imana, kugira ngo mumenye ko mu-





Ingingo

fite *ubugingo buhoraho*, kandi ngo mukomeze kwizera izina ry'Umwana w'Imana.

Nkwiriye kwiuzuzamo Ijambo ry'Imana kuko Ijambo rye ritwemeza ko dufite

UB _ G _ NGO B _ H _ R _ HO.

W. Reba: Yohana 15:7 (NIV)

Ni muguma muri jye, amagambo yanjye akaguma muri mwe, *musabe* icyo mushaka cyose, muzagihabwa.

Nkwiriye kwiuzuzamo Ijambo ry'Imana kuko Ijambo ry'Imana rishyigikira **G _ S _ NGA.**

X. Reba: Yosuwa 1:8 (NLT)

Ibiri muri iki gitabo cy'amategeko ntukarorere kubihamisha akanwa kawe; ahubwo ujye ubitekereza ku manywa na n'ijoro, kugira ngo ubone uko ukurikiza ibyanditswemo byose; ni ho uzahirwa mu nzira zawe, ukabashishwa byose.

Ni ngombwa kuzuza Ijambo ry'Imana mu bugingo bwanjye ku rugero rusabye, nkatekereza ku Ijambo ry'Imana kandi nkaryumvira kuko ari bwo **NZ _ H _ RWA** mu nzira zanjye.

Y. Reba: Zaburi 119:1-3 (NLT)

Hahirwa abagenda batunganye, *bakagendera* mu mategeko y'Uwiteka. Hahirwa *abitondera* ibyo yahamije, *bakamushakisha* umutima wose. Ni koko, *nta cy'ubugoryi bakora; bagendera* mu nzira ze.

Imana iha umunezero w'ukuri abo bose

BAY _ SH _ K _ SH _ KANA umutima





Ingingo

wose kandi **B** _____ **NDERA** mu Ijambo
ryayo, kandi **BAK** _____ **T** _____ **ND** _____ **RA** Ijambo
ryayo **NTIB** _____ **Z** _____ **T** _____ **SHUKE** mo.

Z. Reba: Imigani 2:1-10 (LIV)

Umwana wese *untega amatwi, agakurikiza* am-
abwiriza yanjye, azahabwa *ubwenge no guhitamo*
neza. Yē, niba ushaka kurushaho kubona *ubush-*
isbozi no *kumenya*, kandi niba *ubishakashaka*
nk' aho ari amafaranga wabuze cyangwa se
ubutunzi bubishwe, ni bwo uzahabwa ubwenge,
no *kumenya Imana, Imana ubwayo*; bidatinze
uzamenya icyo ari cyo kubaha Uwiteka Imana,
kandi *uzamenya n'umumaro wo kumwiringira*.
Kuko Uwiteka atanga ubwenge rwose! Ijambo
rye ryose ni ubutunzi bwo kumenya no *gusoba-*
nukirwa. Guhitamo neza abiha abamwubaha,
abiha abera be. Ni *ingabo yabo, ibakingira* kandi
irinda inzira yabo. *Abereka uko batandukanya*
ikiza n' ikibi, uko bafata icyemezo gitunganye
buri gihe. Kuko ubwenge n' ukuri bizaguturamo,
bizakubamo imbere muri wowe, ubumenyi *bu-*
zatura wuzuzwa ibyishimo mu buzima bwawe.

Nkwiriye kwiuzuzamo Ijambo ry'Imana kubw'
ibyo twasezeranijwe kurisaruramo, bigaragara muri
ubu buryo bukurikira, nk' uko tubibona muri iyi
mirongo iri haruguru, ni ukuvuga Imigani 2:1-10
(LIV).

I
G
A



Ingingo

Uburyo

Shakashakana **IJ** __ __ **BO** ry' Imana umwete

+

Tega Imana amatwi kandi

UYITOND __ **RE**

=

Ubuzima bufite imigisha ikurikira:

1. **UBW** __ **NG** __.
2. **G** __ **H** __ **T** __ **MO** Neza.
3. **UB** __ **SH** __ **SH** __ **ZI**.
4. **K** __ **M** __ **NYA**.
5. **K** __ **M** __ **NYA** **IM** __ __ __ ubwayo.
6. Ukumenya umumaro wo
K __ **B** __ **HAUWIT** __ **K** __.
7. Uzamenya umumaro wo
KW __ **R** __ **NGIR** __ **UW** __ **T** __ **K** __.
8. **G** __ **S** __ **B** __ **NUK** __ **RWA**.
9. **GUK** __ **NG** __ **RWA** n' **IM** __ __ __.
10. **K** __ **R** __ **NDWA** n' **IM** __ __ __.
11. **KUR** __ **NGERW** __ n' Imana.
12. Ubushobozi bwo gutandukanya **IK** __ **Z** __
n' **IK** __ **B** __.
13. Ubushobozi bwo gufata **ICY** __ **M** __ **ZO**
GIT __ **NG** __ **NYE** igihe cyose.
14. **IB** __ __ **SHIMO**.

I
G
A



Ingingo

Incamake

Kuki ngomba kwiuzuzamo Ijambo ry'Imana?

Andika incamake y'iki gice. Tanga impamvu cumi zatumaze Umukristo agomba kuzuza Ijambo ry'Imana mu buzima bwe ku rugero rusabye.

1. _____

2. _____

3. _____

4. _____

5. _____

6. _____

7. _____

8. _____


9. _____

10. _____



III. Ni buryo ki nakwiyuzuzamo Ijambo ry'Imana?

A. *Ritekerezeho cyane kandi Ugire Ishusho y'ibirimo mu bitekerezo.* Imwe mu nzira nziza yo gukora ibi ni *ukwifashisha "ikiganza,"* ikiganza kitwereka uburyo butanu bwo kwiga ibiri muri Bibiliya. Buri buryo bwose muri ubu ni ingenzi cyane.



Copyright 1964 by the Navigators
STUDIES IN CHRISTIAN LIVING
"Walking with Christ"
Used by permission.

1. Umva ...

Kumva Ijambo ry'Imana igihe rivugwa n'abayobozi n'abigisha bubaha Imana biduha ugusobanukirwa neza uko abandi biga Ibyanditswe byera kandi bigahagurutsa inyota y'Ijambo ry'Imana muri twe.

a) Reba: Abaroma 10:17 (NKJV)

Dore, kwizera guheshwa no *kumva*, no kumva kukazanwa n'Ijambo rya Kristo.

b) 1 Abakorinto 1:21 (NAS)

Kuko ubwo ubwenge bw'Imana bwategetse ko ab'isi badaheshwa kumenya Imana n'ubwenge bw'isi, Imana yishimiye gukirisha abayizera ubupfu bw'*ibibwirizwa*.



Ingingo

- c) Ni kuki utekereza ko *kumva* Ijambo ry'Imana igihe ribwirizwa n' igihe ryigishwa ari ikintu k'ingenzi?

2. Soma ...

Gusoma Ijambo ry'Imana buri muni *bituma Ijambo ry'Imana* ritemba mu bugingo bwacu *kugira ngo rikore umurimo waryo wo kuduhumuriza* igihe cy' umubabaro, *kutuyobora* igihe cy' urujijo, *kuduba inama* ku bibazo byacu, *kuducyabira* ibyaha byacu no *kudufasha* ku cyifuzo cyacu cyose. Nyine, *intego ikomeye cyane y' Ijambo ry'Imana ryanditswe, ni ukuvuga Bibiliya, ni ugubishura Ijambo ry'Imana rihoraho, ari we Umwami Yesu Kristo.*

- a) Reba: Ibyahishuwe 1:3 (NKJV)

Hahirwa *usoma* amagambo y'ubu buhanuzi, hahirwa n' abayumva, bakitondera ibyanditswe muri bwo; kuko igihe kiri bugufi.

- b) Reba: Gutegeka 17:19 (RSV)

Icyo gitabo azakibane, ajye *agisomamo* iminsi yose akiriho, kugira ngo yige kubaha Uwiteka Imana ye, no *kwitondera* amagambo yose y' ibi byategetswe n' aya mategeko, no *kuyumvira*.

- c) Reba: 1 Timoteyo 4:13 (NKJV)

Kugeza aho nzazira, ujye ugira umwete wo *gusoma*, no guhugura no kwigisha.

I
G
A





Ingingo

d) Ibibazo byerekeye *ugusoma*:

- (1) Utekereza ko cyaba igikorwa cyiza buri Mukristo wese asomye Bibiliya yose mu mwaka umwe kandi buri mwaka kumara iminsi yose y'ubuzima bwe?

YEGO ☐ OYA ☐

- (2) Niba umusomyi usoma bisanzwe abasha gusoma Bibiliya yose mu mwaka, utekereza ko byatwara igihe kingana iki buri munsu?

Iminota 20 ☐

Iminota 45 ☐

Isaha 1 ☐

Amasaha 2 ☐

- (3) Utekereza ko byagira musaruro ki mu buzima bw' Umukristo igihe asoma Bibiliya yose buri mwaka kandi akabikora igihe cy'imyaka makumyabiri?

3. Iga...

Kwiga Ibyanditswe byera *bitugeza mu kwitaburira ukuri kw'Imana ku bwacu*. Kwandukura ibi dutahuye bidufasha kubishyira kuri gahunda bityo no kubyibuka neza kurushaho.

a) Reba: 2 Timoteyo 2:15 (AMP)

Iga kandi ushishikarire kugira umwete wo





Ingingo

gukora uko ushobora kose ngo wishyire Imana ushimwa (utunganijwe n'ibigeragezo), umukozi udakwiriye kugira ipfunwe, *ugenzura neza agakwiriranya neza, wakira neza kandi wigishanya ububanga Ijambo ry'ukuri.*

b) Reba: Ibyakozwe 17:11

Ariko abo bo bari beza kuruta ab' i Tesalonike, kuko bakiranye Ijambo ry' Imana umutima ukunze, *bashaka mu byanditswe iminsi yose*, kugira ngo bamenye yuko ibyo bababwiye ari iby'ukuri koko.

- c) Amwe mu mahirwe azanwa no kwiga nuko
TW__ND__K__ ukuri kw'Imana twitahurira ubwacu, kandi ibi bikadufasha
G__T__NG__NY__ no kurushaho
K__BY__B__KA neza.

4. Fata mu mutwe . . .

Gufata mu mutwe (kubika mu mutima) Ijambo ry'Imana *bidushoboza* gukoresha iyo nkota y'Umwuka kuneshya Satani n'ibishuko—kurigira hafi nkarikoresha mpamya cyangwa mfashisha abandi “ijambo mu gihe gikwiye.”

a) Reba: Imigani 7:1-3 (NKJV)

Mwana wanjye, komeza amagambo yanjye, kandi amategako yanjye uyizirike. Komeza amategako yanjye, ukunde ubeho; n' ibyigisho byanjye ubirinde nk'imboni y' ijisho ryawe. Ubihambire ku ntoke zawe; *ubyandike ku nkingi z'umutima.*

b) Reba: Gutegeka 6:6 (NKJV)

Aya mategeko ngutegeka uyu muni, ahore *ku mutima warwe.*

c) Reba: Zaburi 119: 11 (NIV)

Nabikiye Ijambo ryawe mu mutima wanjye, kugira ngo ntagucumuraho.





Ingingo

d) Ni kuki utekereza ko Umukristo agomba gufata mu mutwe Ijambo ry'Imana?

5. Tekereza ku Ijambo . . .

Gutekereza birashushanywa n' igikumwe kuri cya "kiganza," kuko *bikoresheanywa na buri buryo bwose twatanze haruguru. Iyo dutekereje ku Ijambo ry'Imana—Tekereza, Gira Ishusho mu Bitekerezo* kandi *Usenge*—tuzatahura ko imbaraga zaryo zihindura zikorera muri twe. Gutekereza ku Ijambo ni uburyo dukoresha tukavana ukuri mu mutwe wacu kukajya mu mutima wacu.

a) Reba: Yoswa 1:8 (NLT)

Ibiri muri iki gitabo cy' amategeko ntukarore kubihamisha akanwa kawe; *ahubwo ujye ubitekereza ku manywa na n'ijoro, kugira ngo ubone uko ukurikiza ibyanditswemo byose*; ni ho uzahirwa mu nzira zawe, *ukabashishwa byose*.

b) Reba: Zaburi 1:2 (NKJV)

Ahubwo amategeko y' Uwiteka ni yo yishimira, kandi amategeko ye ni yo *yibwira ku manywa na n'ijoro*.

c) Reba: Zaburi 119: 97 (NKJV)

Amategeko yawe nyakunda ubu bugeni! *Ni yo nibwira umunsi ukira*.

d) Utekereza ko ari iyihe mpamvu ituma Umukristo akwiriye *gutekereza* cyane ku Ijambo ry'Imana?





Ingingo

B. *Iyemeze igihe cyose ukiriho umushinga wo kumenya Bibiliya bidasubirwaho*, nawe *uzabona ko na yo ikumenya, ihindura* ubuzima bwawe, ibitekerezo n'umutima byawe *bishya*.

1. Reba: Zaburi 37:5 (LIV)

Egurira Uwiteka ibyo ugerageza gukora byose; umwiringire na we azagufasha kandi koko azagufasha.

2. Reba: Abaroma 12:2 (JBP)

Ntimureke isi ibazengurutse ngo ibakandakande kugeza ubwo mutera nka yo, ahubwo *mureke Imana ivugurure imitekerereze yanyu* kugira ngo mube muhindutse rwose, nuko uwanyu mushobore kumenya neza uko umugambi w'Imana ari mwiza kuri mwe, uhamanya neza n'ibyo ibashakaho kandi ko ifite intego yo kubakuzza mukagera ku kigero nyakuri.

3. Ni kuki *kumaramariza* kwiyuzuzamo Ijambo ry'Imana ari ingenzi?

C. *Itoze* gukora ibi bikurikira:

Ujye wumva Ijambo ry'Imana ubudasiba igihe ribwirizwa n'igihe ryigishwa.

Tanga igihe cyawe wihererane n'Imana buri muni—“Igihe cyo Gutuza.” Gerageza guhura n'Imana mu “Gihe cyo Gutuza” mu masaha amwe n'umwanya udahinduka buri muni niba bishoboka. *Vugana n'Imana* mu masengesho,

I
G
A



kandi *nawe uyemerere ikubwire* igihe cyo gu-
soma, kwiga, gufata mu mutwe no gutekereza
cyane ku Ijambo ryayo.

1. Reba: 1 Abakorinto 9:24-27 (LIV)

Mu marushanwa, abantu basiganwa biruka
bose, ariko umwe gusa ni we wegukana igi-
hembo kiruta ibindi. Nuko rero *namwe
mwiruke mufite intego yo gutsindira icyo gi-
hembo. Kugira ngo utsinde mu marushanwa
ugomba kugira byinshi wigomwa icyo byatu-
ma utagera ku ntego.* Umukinnyi yishora
muri aka kaga kose kugira ngo gusa yegukane
igikombe cy'izahabu cyangwa ifeza gishiraho
vuba, ariko twebweho tubikorera kwegukana
ingororano yo mw'ijuru itabasha gushira
na hato. *Ni cyo gituma niruka mfite intego
mu ntambwe yose ntera. Ndwana ngamije
gutsinda. Simpusha cyangwa se ngo nkore
hirya no hino. Nk' uwitoza mpana umubiri
wanjye, nkawukoresha iby' agahato nywu-
menyereza gukora ibyo ugomba gukora atari
ibyo wo ushaka gukora.* Naho ntinyi ko maze
gushyira abandi ku rutonde rw' abajya mu
marushanwa ahari jye ubwanjye naboneka ko
ntakwiriye, nkategukwa kwigira ku ruhande.

2. Reba: Abaroma 12:1 (AMP)

Nuko rero, bene Data, ndabihanangiriza
kandi mbinginga ngo kubw' imbabazi Imana
yabahaye, *mutange* imibiri yanyu *burundu—
mutura ingingo zanyu zose n' ingabire za-
nyu zose n' ubushobozi bwanyu bwose—nk'
igitambo gihoraho,* cyera(cyeguriwe) kandi
gishimisha Imana, *ni ko kuyikorera kwanyu
no kuyiramya mu buryo bw' umwuka bik-
wiriye, bifite agaciro kandi by' ubwenge.*



Ingingo

3. Birashoboka ko Umukristo yakwiyuzuzamo Ijambo ry'Imana *atabyitoje*? Kuki?

D. *Ibando ku munsu umwe gusa buri gihe*. Wihan-
gayikishwa n' iby' ejo. Ite gusa k' ukubona ugize
Ijambo ry' Imana ryanjye mu mutima wawe uyu
munsi.

1. Reba: Matayo 6:11

Uduhe *none* ibyokurya byacu by'uyu munsi.

2. Reba: Matayo 4:4

*Aramusubiza ati: Handitswe ngo: Umuntu
ntatungwa n'umutsima gusa, ahubwo atung-
wa n'amagambo yose aya mu kanwa k'Imana.*

3. Kuki wibanda k' ukugira Ijambo ry'Imana win-
jiza mu bugingo bwawe *uyu munsi wa none*?





Ingingo

Incamake

Ni buryo ki nakwiyuzuzamo Ijambo ry'Imana?

A. Tekereza kandi Ugire Ishusho mu Bitekerezo y'ibirimo. Cya "kiganza" twifashishije:

1. *Umva* Ijambo ry'Imana.
2. *Soma* Ijambo ry'Imana.
3. *Iga* Ijambo ry'Imana.
4. *Fata* mu mutwe Ijambo ry'Imana.
5. *Tekereza* ku Ijambo ry'Imana.

B. *Iyemeze* igihe cyose ukiriho *kugira umushinga* wo kwemera ko Bibiliya ikugenga bidasubirwaho.

C. *Itoze*:

1. *Gubora wumva* Ijambo ry'Imana igihe ribwirizwa n'igihe ryigishwa.
2. Girana *Igihe cyo Gutuza* n'Imana buri muni.

D. *Ibande* k' ukugira *Ijambo ry'Imana* winjiza mu mutima wawe *uyu muni wa none*.





Ingingo



Copyright 1964 by the Navigators
STUDIES IN CHRISTIAN LIVING
"Fellowship with Christ"
Used by permission.

IGA

Iyi niya nkingi twise gusenga. *Mu gusenga tuvugana* na Data wo mu ijuru ubwacu kandi *tukakira ibyo aduha* by'ibyo dukeneye. Igihe dusenga tuba *twerekanye ukumwishingikirizaho* no *kumwiringira* kwacu.





Ingingo

Kwiyuzuzamo Gusenga

I. Ibi bisobanura iki?

Bisobanuye muri make ko *ikiganiro ngirana n'Imana gihinduka imibereho*, atari ikintu kibaho rimwe na rimwe gusa. *Tubiba kamere yo gukunda Imana umunsi wose kandi buri munsi*. Iyi migenzereze *iherekezwa n'amagambo cyangwa ibitekerezo byo kuramya Imana, kwatura ibyaha byacu, gushimira cyangwa gusenga ko kwinginga*, kandi ikibivamo ni ubusabane n'Imana bugumaho.

II. Kuki ngomba kwiyuzuzamo gusenga?

Shakira ibisubizo mu byanditswe bikurikira, maze unuzuze mu myanya yabugenewe.

A. Reba: Imigani 15:8

Igitambo cy'umunyabyaha ni ikizira k'Uwiteka;
ariko gusenga k'umukiranutsi *kuramunezeza*.

Nkwiriye kwiyuzuzamo gusenga kuko gusenga k'
umukiranutsi gutera Imana
UM __ N __ Z __ R __.

B. Reba: Yeremiya 33:3 (NKJV)

Ntabaza, *ndagutabara*, nkwereke *ibikomeye biruhije*, utamenya.

Nkwiriye kwiyuzuzamo gusenga kuko Umwami
Imana avuga ati, "Ntabaza,
ND __ G __ T __ B __ R __, nkwereke
IB __ K __ M __ YE, B __ R __ H __ J __, uta-
menya."

C. Reba: Yohana 14:14 (NKJV)

Ni mugira icyo musaba *cyose* mu *izina* ryanjye,
nzagikora.





Ingingo

Nkwiriye kwiuzuzamo gusenga kuko Yesu yavuze ati, “Ni mugira icyo musaba **CY__S__** mu **IZ__N__** ryanjye, nzagikora.”

D. Reba: Abafilipi 4:6 (JBP)

Ntimukagire icyo mwiganyira, ahubwo ibyo mushaka byose bimenywe n’Imana, *mubisabye, mubyingingiye, mushima*.

Nkwiriye kwiuzuzamo gusenga kuko Ijambo ry’Imana rimbwira ko ibyo nifuza byose bimenywa n’Imana mu **G__S__NG__**.

E. Reba: Abatesalonike 5:17-1

Musenge ubudasiba; mu bibaho byose muhore mushima, kuko ari *byo Imana ibashakaho* muri Kristo Yesu.

Nkwiriye kwiuzuzamo gusenga kuko Ijambo ry’Imana rimbwira gusenga ubudasiba, nkahora nshima mu bibaho byose, kuko ibi ari byo **IM__NAISH__K__**.

F. Reba: Abaheburayo 4:1

Nuko rero, twegere intebe y’ubuntu tudatinya, kugira ngo *tubabarirwe* tubone *ubuntu* bwo kudutabara mu gihe gikwiriye.

Nkwiriye kwiuzuzamo gusenga kuko mu gusenga tubona **IMB__B__Z__** n’**UB__NT__** bwo kudutabara mu gihe gikwiriye.

G. Reba: Zaburi 34:15, 17

Amaso y’Uwiteka ari ku bakirantsi, n’amatwi ye ari ku *gutaka* kwabo. ... Abakirantsi baratse, Uwiteka *arabumva, abakiza* amakuba n’ibyago byabo *byose*.

I
G
A



Ingingo

Nkwiriye kwiuzuzamo gusemga kuko iyo ndi mu makuba, amatwi y'Uwiteka ategewe

G _ T _ K _ k' umukiranutsi. Abakiranutsi baratatse, Uwiteka **A R _ B _ M _ A**, maze **A _ B _ K _ Z A** amakuba n' ibyago byabo **BY _ S _**.

H. Reba: Matayo 7:7 (NKJV)

Musabe, muzahabwa: mushake, muzabona: mukomange ku rugi, muzakingurirwa.

Nkwiriye kwiuzuzamo gusenga kuko Yesu yambwiye ko **NS _ B _**.

I. Reba: 1 Yohana 1:9 (NKJV)

Ariko *nitwatura ibyaha byacu*, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu, no kutwezaho gukiranirwa kose.

Nkwiriye kwiuzuzamo gusenga kuko Ijambo ry'Imana rimbwira **KW _ T _ RA** ibyaha byanjye.

J. Reba: Abefeso 5: 20 (RSV)

Mujye *mushima Imana*, Data wa twese, kubw'ibintu byose, mubiyishimira mu izina ry'Umwami wacu Yesu Kristo.

Nkwiriye kwiuzuzamo gusenga kuko Imana inshakaho gusenga, **NY _ SH _ MA** iteka no kubw'ibintu byose.

K. Reba: 2 Ngoma 7:14

Maze abantu banjye bitiriwe izina ryanjye ni bicisha bugufi bagasenga, bagashaka mu maso hanjye bagahindukira bakareka ingeso zabo mbi; nuko nanjye nzumva ndi mu ijuru, mbababarire igicumuro cyabo, *mbakirize igibugu*.

Nkwiriye kwiuzuzamo gusenga kuko amasenge-sho ari ngombwa niba dushaka

UB _ BY _ TSE.





Ingingo

L. Reba: Zaburi 145:18 (RSV)

Uwiteka aba *bafi* y' abamutakira bose , abamu-
takira mu by' *ukuri* bose.

Nkwiriye kwiuzuzamo gusenga kuko Uwiteka ari
H__F__y' abamutakira bose, abamutakira mu by'
U K__R__ bose.

M.Reba: Yakobo 5:16 (NKJV)

Mwaturirane ibyaha byanyu, kandi musabirane,
kugira ngo mukizwe. Gusenga k' *umukiranutsi*
kugira *umumaro* mwinshi, iyo asenganye *um-*
wete.

Nkwiriye kwiuzuzamo gusenga kuko gusengana
U M W__T__k' U M__K__R__N__T S I
kugira U M__M__R__ M W__N S H__.

Vuga icyo ijambo *umwete* risobanuye:

N. Reba: Zaburi 86:7 (NKJV)

Ku muni w' amakuba yanjye no k' uw' ibyago
byanjye nzakwambaza: kuko *uzansubiza*.

Nkwiriye kwiuzuzamo gusenga kuko ku muni
w' amakuba ni nambaza Imana,
I Z__N S__B__Z__.



Ingingo

O. Reba: Matayo 26:41 (NKJV)

Mube maso, musenge, mutajya mu *moshya*.
Umutima ni wo ukunze, ariko umubiri ufite
intege nke.

Nkwiriye kwiyuzuzamo gusenga kuko gusenga ari
intwaro ifite umumaro mu **B __ S H __ K __**, kuko
bituma ndangamira Imana igihe ngiye kwinjira mu
cyaha.

P. Reba: Matayo 21:22 (NKJV)

Kandi ibyo muzasaba mwizeye, *muzabihabwa*
byose.

Nkwiriye kwiyuzuzamo gusenga kuko Yesu yas-
ezeraniye ko icyo nzasaba cyose, nizeye,
N Z __ G __ H __ B W A.

I
G
A



Ingingo

Incamake

Ni kuki ngomba kwiuzuzamo gusenga?

Andika incamake y' iki gice. Tanga impamvu ndwi zikwiye gutuma Umukristo yuzuza ubuzima bwe gusenga ku rugero rusabye.

1. _____

2. _____

3. _____

4. _____

5. _____

6. _____

7. _____





Ingingo

III. Ni buryo ki nshobora kwiuzuzamo gusenga?

A. Tekereza kandi Ushushanye ibirimo:

1. Bimwe mu bintu bizatuma ngira gusenga guhagije mu buzima bwanjye:

a) Reba: Matayo 6:7 (AMP)

Namwe ni musenga, *ntimukavuge amagambo muyasubiramo hato na hato*, nk'uko abapagani bagira: bibwira ko *kuvuga amagambo menshi* ari byo bituma bumvirwa.

Imana ntitwumva kuko twasenze amasengesho **M __ R __ M __ R __**. icyo tugomba gukora ni ukuyibwira ibyifuzo byacu, twizeye ko tubihabwa.

b) Reba: Luka 11:8-10 (AMP)

Ndababwira yuko, nubwo atabyukijwe no kuyimuhera ko ari inshuti ye, ariko kuko *amutitirije*, biramubyutsa, amuhe ibyo ashaka byose. Nanjye ndababwira nti: *Musabe*, muzahabwa; *mushake*, muzabona; *mukomange* ku rugi, muzakingurirwa: kuko umuntu wese usaba ahabwa; ushatse abona; n' ukomanga arakingurirwa.

Nubwo Imana idakeneye amasengesho maremare kubw'uko ari maremare gusa, ishaka ko

D __ T __ T __ R __ Z __, kuko avuga ati:
M __ S __ B __ kandi mukomeze musabe,
M __ S H __ K __ kandi mukomeze mushake, **M __ K __ M __ N G E** kandi mukomeze mukomange.





Ingingo

Tanga igisobanuro cy'ijambo:

Gutitiriza _____

c) Reba: Matayo 6:5 (NIV)

Ni musenga, *ntimukamere nk'indyarya*,
kuko bakunda gusenga bahagaze mu ma-
sinagogi no mu nzira, ngo abantu babarebe:
ndababwira ukuri yuko bamaze kugororerwa
ingororano zabo.

Ngomba gusenga
NTAB __ __ NDYARYA.

d) Reba: 1 Abatesalonike 5:17

Musenge ubudasiba.

Ngomba kugirana ubusabane n' Imana
umunsi wose kandi buri munsi mu buryo
bwo
G __ S __ N G __.

e) Reba: Abaheburayo 4:16

Nuko rero, twegere intebe y' ubuntu *tudat-
inya*, kugira ngo tubabarirwe tubone ubuntu
bwo kudutabara mu gihe gikwiriye.

Ngomba kwegera Imana
NSH __ Z __ AM __ N G __ mu
gusenga.

I
G
A





Ingingo

f) Reba: Mariko 11:25 (NIV)

Kandi ni muhagarara musenga, hakaba hari umuntu wabagiriye nabi, *mumubabarire*, kugira ngo So wo mu ijuru na we ababarire ibyaha byanyu.

Mbere y' uko nsenga, ngomba

K _ B _ B _ R _ R _ uwo ari we wese mfitiye inzika, kugira ngo Imana na yo imbabarire.

g) Reba: Yesaya 59:2 (NKJV)

Ahubwo gukiranirwa kwanyu ni ko kwabatandukanije n' Imana yanyu, n' *ibyaha* byanyu ni byo biyitera kubima amaso, *ikanga no kumva*.

Gukiranirwa kwanyu kwabatandukanije n' Imana yanyu; kandi **I B Y _ H _** byanyu byabahishe mu maso hayo, kugira ngo

I _ U _ V A.

Reba: 1 Yohana 1:9

Ariko *nitwatura* ibyaha byacu, ni yo yo *kwizerwa* kandi ikiranukira *kutubabarira* ibyaha byacu, no *kutwezaho* gukiranirwa *kose*.

Ni **T W _ T _ R _** ibyaha byacu, ni iyo **K W _ Z _ R W _** kandi ikiranukira **K _ T _ B _ B _ R _ R _** ibyaha byacu, no **K _ T W _ Z _ H _** gukiranirwa **K _ S _**.

Nuko rero, iyo natuye ibyaha byanjye mbona kubabarirwa no kwezwa, nkongera kugira ubusabane n' Imana kuko bya byaha byantandukanyaga n' Imana byababariwe kandi bitakibukwa ukundi.



Ingingo

h) Reba: Yohana 14:13 (NKJV)

Kandi icyo muzasaba *cyose mu izina ryanjye*,
nzagikorera kugira ngo data yubahirizwe mu
mwana we.

Kandi icyo muzasaba **CY__S__M__**
IZ__N__RY__NJY__ nzagikorera
kugira ngo data yubahirizwe mu mwana we.
Nuko rero, nkwiye gusenga mu izina rya
Yesu.

i) Reba: Yakobo 1:6-7

Ariko rero, asabe *yizeye*, ari nta cyo ashidi-
kanya: kuko ushidikanya ameze nk' umu-
raba wo mu nyanja, uyanwa n' umuyaga,
ushushubikanywa. Umeze atyo, ye kwibwira
ko azagira icyo ahabwa n' Umwami Imana.

Ariko rero asabe **Y__Z__Y__**. Umuntu
ushidikanya ko abona icyo asabye, ashobora
kutagihabwa.

j) Reba: 1 Yohana 5: 14-15 (NKJV)

Kandi iki ni cyo kidutera gutinyuka imbere
ye, n' uko atwumva, *iyoye dusabye ikintu nk'*
uko ashaka; kandi ubwo tuzi ko yumva
icyo dusabye cyose, tuzi n' uko duhawe ibyo
tumusabye.

Igihe cyose nsenga nk' uko **IS__AK__**.

Reba: Matayo 26:39 (NKJV)

Yigira imbere ho hato, arubama, arasenga ati:
Data, niba bishoboka, iki gikombe kindenge:
ariko bye kuba uko jye weho nshaka, ahubwo
bibe uko wowe ushaka.





Ingingo

Hano dufite urugero rukomeye rw' Umwami wacu, wasenze atya ati, "Ayi, Data, niba bishoboka, iki gikombe kindenge." Hanyuma kubera kwiringira Se cyane kwe, abasha gusenga ati, "Ariko, bye kuba uko jyeweho **NSH __ K __**, ahubwo bibe uko wowe **USH __ K __**." Tugaragaza ko twiringiye Imana bikomeye iyo dushatse ubushake bwayo bwonyine

k) Reba: 1 Yohana 3:22 (AMP)

Kandi icyo dusaba cyose tugihabwa na yo, kuko *twitondera* amategeko yayo, tugakora ibishimwa imbere yayo.

KW __ T __ ND __ R __ ibyo yatwigishije ni urundi rufunguzo rwo guhabwa na yo icyo dusabye cyose.

2. Ibi bikurikira ni ingero z' amasengesho dusanga muri Bibiliya. Dushingiye ku makuru twaganiriyeho mu buryo buhinnye ku rupapuro rwa 82, shyira akamenyetso mu gasanduku (cyangwa udusanduku) gasobanura amasengesho akurikira ayo ari yo.

a) Reba: Zaburi 31:3

Kuko ari wowe gitare cyanyje n' igihome kinkingira: nuko kubwo izina ryawe unjye imbere unyobore.

KU □ KWA □ GU □ KWI □

b) Reba: Yohana 17:20-24 (NKJV)

Sinsabira aba bonyine, ahubwo ndasabira n' abazanyizwa n' ijamba ryabo, ngo bese babe umwe, nk'uko uri muri jye, Data, nanjye nkaba muri wowe, ngo na bo babe umwe





Ingingo

muri twe, ngo ab'isi bizere ko ari wowe wantumye. Nanjye mbahaye ubwiza wampaye, ngo babe umwe nk' uko natwe turi umwe. Jyewe mbe muri bo, nawe ube muri jye, ngo babe umwe rwose, ngo ab'isi bamenye ko ari wowe wantumye, ukabakunda nk' uko wankunze. Data, abo wampaye, ndashaka ko aho ndi na bo bazahabane nanjye, ngo babone ubwiza bwanjye wampaye, kuko wankunze, isi itararemwa.

KU ☐ KWA ☐ GU ☐ KWI ☐

c) Reba: Zaburi 139:23-24

Mana, ndondora, umenye umutima wanjye: mvugutira, umenye ibyo ntekereza: urebe yuko hariho inzira y'ibibi indimo, unshorere mu nzira y'iteka ryose.

KU ☐ KWA ☐ GU ☐ KWI ☐

d) Reba: Zaburi 19:14 (NKJV)

Amagambo yo mu kanwa kanjye n' ibyo umutima wanjye wibwira bishimwe mu maso yawe, Uwiteka, gitare cyanjye, mucunguzi wanjye.

KU ☐ KWA ☐ GU ☐ KWI ☐

e) Reba: Zaburi 36:5-11 (NKJV)

Uwiteka, urugero rw' imbabazi zawe rugera mu ijuru, urw' umurava wawe rugera no mu bicu. Gukiranuka kwawe guhwanye n' imisozi miremire y' Imana. Amateka yawe ni nk' imuhengeri. Uwiteka, ni wowe ukiza abantu n' amatungo. Mana, erega imbabazi zawe ni iz' igiciro cyinshi! Abana b' abantu bahungira mu gicucu cy' amababa yawe. Bahazwa rwose n' Umubyibuho wo mu nzu yawe, kandi uzabuhira ku ruzi rw' ibyishimo byawe. Kuko aho uri ari ho hari isoko y' ubugingo: mu

I
G
A

Ingingo

mucyo wawe ni ho tuzabonera umucyo. Ujye ukomeza kugirira imbabazi abakuzi no kwereka abafite imitima itunganye gukiranuka kwawe. Ikirenge cy' umwibone cye kunzaho, ukuboko kw' abanyabyaha kwe kunyimura.

KU □ KWA □ GU □ KWI □

f) Reba: Abefeso 3.14-21 (BDS)

Ni cyo gituma mpfukamira Data wa twese, uwo imiryango yose yo mu ijiuru n' iyo mu isi yitirirwa, ngo abahe, nk' uko ubutunzi bw' ubwiza bwe buri, gukomezwa cyane mu mitima yanyu kubw' Umwuka we; kandi ngo Kristo ahore mu mitima yanyu kubwo kwizera, kugira ngo, ubwo mumaze gushorera imizi mu rukundo, mukaba mushikamye, muhabwe imbaraga zo kumenyera hamwe n' abera bese ubugari, n' uburebure bw' umurambararo, n' uburebure bw' igihagararo, n' uburebure bw' ikijyepfo bwarwo ubwo ari bwo, mumenye n' urukundo rwa Kristo ruruta uko rumenywa; ngo mwuzuzwe kugeza ku kuzura kw' Imana. Nuko Ibasha gukora ibiruta cyane ibyo dusaba, ndetse n' ibyo twibwira byose, nk' uko imbaraga zayo ziri, zidukoreramo, icyubahiro kube icyayo mu Itorero no muri Kristo Yesu, kugeza iteka ryose ry' ibihe bidashira. Amen.

KU □ KWA □ GU □ KWI □

g) Reba: Zaburi 51:1-2 (NKJV)

Mana, umbabarire kubw' imbabazi zawe: kubw' imbabazi zawe nyinshi usibanganye ibicumuro byanjye. Unyuhagire rwose gukiranirwa kwanjye, unyeye unkureho ibyaha byanjye.



Ingingo

Zaburi ya 51 yose ni isengesho, kandi iyi mirongo ibiri ibanza itwereka iri sengesho iryo ari ryo.

KU □ KWA □ GU □ KWI □

h) Reba: Matayo 6:9-13 (NKJV)

Nuko musenge mutya muti: Data wa twese uri mu ijuru, izina ryawe ryubahwe, ubwami bwawe buze, ibyo ushaka bibeho mu isi, nk' uko biba mu ijuru; uduhe none ibyo kurya byacu by' uyu muni; uduharire imyenda yacu, nk' uko natwe twahariye abarimo imyenda yacu; ntuduhane mu bitwoshya, ahubwo udukize umubi; kuko ubwami n' ubushobozi n' icyubahiro ari ibyawe, none n' iteka ryose. Amen.

KU □ KWA □ GU □ KWI □

i) Reba: Yohana 11:41 (NKJV)

Nuko bakuraho igitare. Yesu arararama, aravuga ati: Data, ndagushimiye kuko unyumvise.

KU □ KWA □ GU □ KWI □

B. Iyemeze iminsi yose ukiriho gukomeza ubusabane hagati yawe n' Imana mu buryo bwo gusenga.

Reba: Abafilipi 3:10 (AMP)

*Intego yanjye idakuka ni ukugira ngo mu-
menye—ni ukuvuga ngo nshobore kugenda
ndushaho gushorera imizi mu kumumenya
no kurushaho kuba inkoramutima ye, mbona,
menya kandi nsobanukirwa cyane kandi neza
uburyo Umwami wanjye ari igitangaza. Kandi
kugira ngo muri ubwo buryo ngere ku uku-
menya imbaraga zidudubiza ziva mu ukuzuka
kwe, zikorera mu bamwizera; kandi kugira ngo
nsangire na we imibabaro ye bitume mpora*





Ingingo

ndushaho guhindurwa mu mwuka ngo nse na we ndetse no mu rupfu rwe, mwiringiye.

Ni kuki *icyemezo* cyo kuzuza gusenga mu buzima bwanjye ari ingenzi?

C. *Itoze* gusenga.

1. Gira “Igihe cyo Gutuza” imbere y’Imana buri muni, kandi uwo muni uwutangirane gusenga.

Reba: Mariko 1:35 (NKJV)

Nuko mu *museke* arabyuka, arasohoka, ajya *mu butayu, asengerayo*.

2. Buri muni kandi umuni wose senga isengesho ryo **Kuramya**, **Kwatura**, **Gushimira** no **Kwinginga**.

Reba: Abefeso 6:18 (NLT)

Mushengeshe Umwuka *iteka* mu buryo bwose bwo gusenga no kwinginga: kandi kubw’ibyo mugumye rwose kuba maso, musabira abera bose.





Ingingo

Reba: 1 Abatesalonike 5:16-18 (RSV)

Mwishime iteka; musenge ubudasiba; mu bibaho byose muhore mushima, kuko ari byo Imana ibashakaho muri Kristo Yesu.

3. Tanga igisobanuro cy'ijambo kwitoza.

4. Biroroheje ko Umukristo yakuzuzubuzima gusenga ku rugero rusabye atabyitoje? Kuki?

D. *Shimikira umunsi umwe gusa buri gibe.* Wihan-gayika kubera ejo. Wowe senga isengesho ryo **Kuramya**, **Kwatura**, **Gushimira** no **Kwinginga** uyu munsi.

1. Reba: Zaburi 118:24 (NKJV)

Uyu ni wo munsi Uwiteka yaremye; turawishi-miramo, turawunezererwamo.

2. Reba: Matayo 6:9-13 (NKJV)

Nuko musenge mutya muti: Data wa twese uri mu ijuru, izina ryawe ryubahwe, ubwami bwawe buze, ibyo ushaka bibeho mu isi, nk' uko biba mu ijuru; uduhe **none** ibyo kurya byacu by' **uyu munsi**; uduharire imyenda yacu, nk' uko natwe twahariye abarimo imyenda yacu; ntuduhane mu bitwoshya, ahubwo





udukize umubi; kuko ubwami n' ubushobozi
n' icyubahiro ari ibyawe, none n' iteka ryose.
Amen.

3. Kuki ngomba kwibanda ku *munsi wa none* mu kubiba ubusabane bwanjye n’Imana bushingiye ku rukundo nyikunda?

[illegible]



Ingingo

Incamake

Ni buryo ki nakwiyuzuzamo gusenga?

- A. **Tekereza** kandi **Ushushanye** ibikubiyemo.
- B. **Iyemeze** iminsi yose ukiriho gukomeza ubusabane hagati yawe n'Imana mu buryo bwo gusenga.
- C. **Itoze** gusenga:
1. Gira "Igihe cyo Gutuza" imbere y'Imana buri muni, kandi uwo muni uwutangirane gusenga.
 2. Mara umuni wose kandi buri muni usenga isengesho ryo **Kuramya**, **Kwatura**, **Gushimira** no **Kwinginga**.
- D. **Shimikira** kugira ubusabane bwihariye n'Imana uyu muni. Imbogamizi iruta izindi k'ukugirana ubu busabane na yo ni icyaha cyitwa gusubika.





Ingingo



Copyright 1964 by the Navigators
STUDIES IN CHRISTIAN LIVING
"Fellowship with Christ"
Used by permission.

I
G
A

Umukristo wumvira mu bikorwa ni ufite urukundo. Uza-sanga ko uyu muntu:

1. *Akunda Imana* n' umutima we wose kandi ayikundana umwete.
2. *Akunda Abakristo bagenzi be* aho baba bari hose urukundo rushoye imizi bituma agira itandukaniro hagati ye n' abatari Abakristo.
3. *Akunda abazimiye*, akurikije urugero rwa Yesu.
4. *Yikunda kandi yiyakirana urukundo rwa Kristo*, rwinshi kandi ruzima.



Kwiyuzuzamo Urukundo Rwinshi

I. Ibi bisobanuye iki?

Bisobanuye gusa ko *ku bushake bwanjye nemerera Umwuka Wera kurema imbere muri jye we ikintu kitagakoze neza mu buryo buboneye keretse gikoze n'Umwuka Wera nyine, kandi icyo kintu nta kindi, ni urukundo*. Si ibiyumviro bikomoka mu marangamutima, ntirunagaragarira mu miterere ya kamere ivukanwa kuko *rushakira bese ibyiza*, mu bugwaneza, nta kwikanyiza kandi rwuzuye imbabazi. Rukunda n' abadafite igikundiyo, kandi mu by' ukuri, *rubora rushakisha uburyo bwo kugirira ineza bese*. Ni imitekerereze iba mu muntu, ariko rugaragazwa *n'ibikorwa rutera* urugero nko kumvira Imana, no gufasha abandi bantu.

II. Kuki nuzuzabwiza ubuzima bwanjye urukundo ku rugero rusabye?

Shakisha ibisubizo mu byanditswe bikurikira, kandi wuzuze mu myanya yabugenewe.

A. Kuki ngomba kuzuzabwiza ubuzima bwanjye urukundo rw'Imana?

1. Reba: Yohana 3:16 (NIV)

Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye *itanga Umwana wayo w'ikinege*, kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho.

Ngomba kuzuzabwiza ubuzima bwanjye urukundo rw'Imana ku rugero rusabye kuko yankunze cyane bituma yemera ko **Y** __ **S** __ apfa urupfu rwo ku musaraba kubw'ibyaha byanjye.

2. Reba: Abaroma 5:8 (RSV)

Ariko Imana yerekanye urukundo rwayo idukunda, ubwo *Kristo* yadupfiraga tukiri abanyabyaha.

Ngomba kuzuzabwiza ubuzima bwanjye urukundo



Ingingo

rw'Imana ku rugero rusabye kuko tukiri abanyabyaha **K R _ S _ O** yadupfiriye.

3. Reba: Zaburi 31: 23 (NLT)

Mukunde Uwiteka, mwa bakunzi be mwese mwe: Uwiteka **arinda** abanyamurava, yitura byinshi ukora iby' ubwibone.

Ngomba kuzuza ubuzima bwanjye urukundo rw'Imana ku rugero rusabye kuko Uwiteka **A _ I _ D A** abamukunda bese.

4. Reba: Yohana 14:23 (AMP)

Yesu aramusubiza ati: Umuntu n' **ankunda**, **azitondera** Ijambo ryanjye, na **Data** azamukunda; tuzaza aho ari, tugumane na we.

Ngomba kuzuza ubuzima bwanjye urukundo rw'Imana ku rugero rusabye kuko Yesu adusezeranya ko niba **T _ M _ K _ N D A** by' ukuri, **T _ Z _ M W _ M V _ R _**, kandi **D _ T _** azadukunda, nuko Yesu na Se baze aho turi babane natwe.

5. Reba: Zaburi 145:20 (NKJV)

Uwiteka **arinda** abamukunda bese; ariko, abanyabyaha bese azabarimbura.

Ngomba kuzuza ubuzima bwanjye urukundo rw'Imana ku rugero rusabye kuko **A _ I _ N D A** abamukunda bese, ariko abanyabyaha bese azabarimbura.

6. Reba: Yakobo 1:12 (NKJV)

Hahirwa umuntu wihanganira ibimugera, kuko n' amara kwemerwa, **azababwa ikamba ry'ubugingo**, iryo Imana yasezeraniye abayikunda.



Ingingo

Nkwiriye kwiyuzuzamo urukundo rw'Imana kuko yasezeranije ko **I Z _ G _ O _ R _ R _ R _** abayikunda kandi bihangana ibigeragezo.

7. Reba: 1 Yohana 4:19

Turayikunda, kuko ari yo yabanje *kudukunda*.

Ngomba kuzuza ubuzima bwanjye urukundo rw'Imana ku rugero rusabye kuko ari yo yabanje **K _ N _ U _ D A**.

8. Reba: Abefeso 3:17 (AMP)

Kandi ngo Kristo ahore mu mitima yanyu kubwo kwizera, kugira ngo, ubwo mumaze gushorera imizi mu *rukundo*, mukaba mu-shikamye...

Ngomba kuzuza ubuzima bwanjye urukundo rw'Imana ku rugero rusabye kuko nkwiye gushorera imizi mu **R _ K _ N D O** kandi nkaba nshikamye mu **R _ K _ N _ O**.

9. Reba: Yohana 15:9-10 (AMP)

Uko Data yankunze, ni ko nanjye nabakunze: nuko rero mugume mu *rukundo* rwanjye. Ni *mwitondera* amategeko yanjye, muzaguma mu rukundo rwanjye, nkuko nanjye nitondeye amategeko ya Data, nkaguma mu rukundo rwe.

Ngomba kuzuza ubuzima bwanjye urukundo rw'Imana ku rugero rusabye kuko Yesu ankunda cyane kandi yansabye kuguma mu **R _ K _ N _ O** rwe. Uburyo bwonyine naguma mu rukundo rwe ni **U _ W _ T _ N _ ERA** inyigisho ze.





Ingingo

10. Reba: Gutegeka 10:12 (NKJV)

None, wa bwoko bw' Abisirayeli we, *Uwiteka Imana yawe igushakaho iki?* Si *ukubaba* Uwiteka Imana yawe, *ukagenda* mu nzira ikuyoboye zose, *ukayikunda*, *ugakoreshereza* Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose n' ubugingo bwawe bwose...?

Ngomba kuzuza ubuzima bwanjye urukundo rw'Imana ku rugero rusabye kuko ishaka ko abantu bayo **B __ Y __ K __ N D A**.

11. Reba: Gutegeka 6:5 (NKJV)

Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose n' ubugingo bwawe bwose n' imbaraga zawe zose.

Reba: Gutegeka 11:13 (NKJV)

Ni mugira umwete wo kumvira amategeko yanjye mbategeka uyu muni, ngo *mukunde Uwiteka Imana yanyu, muyikoreshereze imitima yanyu yose* n' ubugingo bwanyu bwose.

Reba: Yosuwu 22:5 (NIV)

Icyakora mujye mugira umwete wo kwitondera amategeko n' ibyo Mose umugaragu w' Uwiteka yabategetse, ati: *Nimukunde Uwiteka Imana yanyu*, mugende mu nzira ibayoboye zose, mwitondere amategeko, mwomatane na we, mukoreshereze Uwiteka *imitima yanyu yose* n' ubugingo bwanyu bwose.

Reba: Matayo 22:37 (NKJV)

Na we aramusubiza ati: *Ukundishe Uwiteka, Imana yawe, umutima wawe wose*, n' ubugingo bwawe bwose, n' ubwenge bwawe bwose.





Ingingo

Reba: Mariko 12:30 (NKJV)

Nuko rero, *ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose* n'ubugingo bwawe bwose n'ubwenge bwawe bwose n'imbaraga zawe zose.

Reba: Luka 10:27 (NIV)

Aramusubiza ati: *Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose*, n'ubugingo bwawe bwose, n'imbaraga zawe zose, n'ubwenge bwawe bwose, kandi ukunde na mugenzi wawe nk'uko wikunda.

Ngomba kuzuza ubuzima bwanjye urukundo rw'Imana ku rugero rusabye kuko Ibyanditswe bitwigisha ko **UK__NDI__A
UWIT__A IMA__YAWE
N'UMUT__M__WA__E WOSE.**

12. Reba: Yosuwu 23:10-11 (NKJV)

Ahubwo umwe muri mwe azirukana abantu igihumbi; kuko Uwiteka Imana yanyu *iz-abarwanira*, nkuko yababwiye. Nuko mugire umwete cyane wo *gukunda Uwiteka Imana yanyu*.

Ngomba kuzuza ubuzima bwanjye urukundo rw'Imana ku rugero rusabye kuko Uwiteka Imana yanyu ari yo **IRW__N__RA** abantu bayo.





Ingingo

Incamake

**Kuki Ngomba Kuzuza Ubugingo Bwanjye Urukundo
rw' Imana ku Rugero Rusabye?**

Andika incamake y' iki gice. Tanga impamvu eshatu z'
ingenzi zituma Umukristo agomba kuzuza urukundo
rw'Imana mu bugingo bwe.

1. _____

2. _____

3. _____





Ingingo

B. Kuki ngomba kuzura urukundo rw'Abakristo bagenzi banjye mu bugingo bwanjye ku rugero rusabye?

1. Reba: Abaheburayo 13:1 (AMP)

Mukomeze gukundana urukundo rwa kivan-dimwe.

Urukundo nkunda bene Data b'Abakristo rugomba kuzura mu bugingo bwanjye ku rugero rusabye kuko iki kigomba kuba igikorwa
G _ K _ M _ Z _ ntigicogore.

2. Reba: Yohana 15:12-13 (NKJV)

Ngiri *itegeko* ryanjye: mukundane, nk'uko nabakunze. Ntaw'ufite *urukundo* ruruta urw'umuntu upfira inshuti ze.

Urukundo nkunda bene Data b'Abakristo rugomba kuzura mu bugingo bwanjye ku rugero rusabye kuko iri ari **IT _ G _ K _** rya Yesu, ko **D _ K _ NDA _ _** nk'uko yadukunze.

3. Reba: 1 Yohana 4:7 (AMP)

Bakundwa, dukundane; kuko urukundo ruva ku Mana. Umuntu wese ukunda yabyawe n'Imana, kandi *azi* Imana (*asobanukiwe* Imana).

Urukundo nkunda bene Data b'Abakristo rugomba kuzura mu bugingo bwanjye ku rugero rusabye kuko ari byo byerekana ko **N _ I** kandi **NS _ B _ N _ K _ W _** Imana.

4. Reba: 1 Yohana 4:11

Bakundwa, ubwo Imana yadukunze ityo, natwe *dukwiriye* gukundana.





Ingingo

Urukundo nkunda bene Data b'Abakristo rugomba kuzura mu bugingo bwanjye ku rugero rusabye kuko ari ikintu **N K W _ R _ Y _** gukora ubwo Imana yankunze cyane bihebuje.

5. Reba: 1 Abatesalonike 4:9 (NKJV)

Ariko rero, ibyo gukunda bene Data, ntumugomba kubyandikirwa, kuko ubwanyu ***mwigishijwe n'Imana*** gukundana.

Urukundo nkunda bene Data b'Abakristo rugomba kuzura mu bugingo bwanjye ku rugero rusabye. Mu by'ukuri, si ngombwa ko iyi nyigisho nyigishwa n'umuntu uwo ari we wese, kuko

Y _ G _ S H W _ n'Imana.

6. Reba: 1 Petero 1:22 (AMP)

Nuko rero ubwo ***mwiyejesheje*** imitima kumvira ukuri, kugira ngo mubone uko mukunda bene Data mutaryarya, ***mukundane cyane mu mitima***.

Urukundo nkunda bene Data b'Abakristo rugomba kuzura mu bugingo bwanjye ku rugero rusabye kuko ari cyo gihamya ko mutima **W _ J _ J W _**.

7. Reba: 1 Petero 2:17 (LIV)

Mwubahe abantu bose, ***mukunde bene Data***, mwubahe Imana, mwubahe umwami.

Urukundo nkunda bene Data b'Abakristo rugomba kuzura mu bugingo bwanjye ku rugero rusabye kuko mbwirwa **G _ K _ N D A**
A B _ K R I _ T O A H O B A R I
H _ S _.





Ingingo

8. Reba: 1 Petero 3:8 (NIV)

Ibisigaye, mwese *mubuze imitima*, mubabarane, kandi *mukundane* nk'abavandimwe, mugirirane imbabazi, mwicisha bugufi mu mitima.

Urukundo nkunda bene Data b'Abakristo rugomba kuzura mu bugingo bwanjye ku rugero rusabye kuko mbwirwa **G __ H __ Z __**
U M U T __ M __ na bo no
K __ B __ K __ N D A.

9. Reba: 1 Yohana 3:23 (JBP)

Itegeko ryayo ni iri: n'uko twizera izina ry'Umwana wayo Yesu Kristo, *tugakundana*, nk'uko yadutegetse.

Urukundo nkunda bene Data b'Abakristo rugomba kuzura mu bugingo bwanjye ku rugero rusabye kuko Imana **I N T __ G __ K A** ko nkunda abandi.

10. Reba: 1 Yohana 4:21 (AMP)

Kandi dufite iri tegeko ryavuye kuri yo, ngo ukunda Imana, akunde na *mwene Se*.

Urukundo nkunda bene Data b'Abakristo rugomba kuzura mu bugingo bwanjye ku rugero rusabye kuko itegeko ry'Imana ari iri, ko abayikunda bose bakunda **B __ N E S E.**

11. Reba: 1 Abatesalonike 3:12 (NIV)

Namwe Umwami wacu *abuzuze*, abasesekaze gukundana, no gukunda abandi bose, nk'uko natwe twabakunze.





Ingingo

Urukundo nkunda bene Data b'Abakristo rugomba kuzura mu bugingo bwanjye ku rugero rusabye, kandi urwo rukundo rugomba guhora
RW __ Y __ NG __ R __.

12. Reba: Yohana 13:35 (JBP)

Ibyo ni byo bose bazabamenyeraho ko muri abigishwa banjye, nimukundana.

Urukundo nkunda bene Data b'Abakristo rugomba kuzura mu bugingo bwanjye ku rugero rusabye kuko ari byo abandi
BAZAM __ NY __ R __ HO ko ndi umwigishwa we.





Ingingo

Incamake

**Kuki nkwiriye kwiyuzuzamo gukunda Abakristo
bagenzi banjye?**

Andika incamake y'iki gice. Mu magambo magufi, tanga
impamvu eshatu z'ingenzi zituma utekereza ko Umukristo
akwiye kwiyuzuzamo gukunda Abakristo bagenzi be.

1. _____

2. _____

3. _____





Ingingo

C. Kuki ngomba kwiuzuzamo gukunda abazimiye?

1. Reba: 1 Yohana 4:8 (NIV)

Udakunda, ntazi Imana, *kuko Imana ari urukundo.*

Ngomba gukunda abazimiye urukundo rusabye kuko niba umuntu adakunda abandi, byerekana ko atazi Imana, kuko **IM __ N __** ari **UR __ K __ N D O.**

2. Reba: Abefeso 5:2 (LIV)

Kandi mugendere mu *rukundo*, nk' uko *Kristo* yadukunze, akatwitangira kuba ituro n' igitambo cy'Imana, [gikuraho *ibyaha*] n' umubabwe uhumura neza.

Ngomba gukunda abazimiye urukundo rusabye kuko nkwiye kuba nuzuwemo **UR __ K __ N D O** nkunda abandi, nkurikije urugero rwa **K R __ S T O** wankunze akiha Imana nk' igitambo gikuraho **I B Y __ H __** byanjye.

3. Reba: Abalewi 19:34 (NKJV)

Umunyamahanga ubasuhukiyemo ababere nka kavukire, umukunde nk' uko wikunda; kuko namwe mwari abasuhuke mu gihugu cy' Egiputa: ndi Uwiteka Imana yanyu.

Ngomba gukunda abazimiye urukundo rusabye kuko Ibyanditswe bimbwira gukunda **UM __ NY __ M __ H __ N G A.**

4. Reba: Matayo 19:19 (NKJV)

Wubahe so na nyoko, *ukunde mugenzi wawe* nk'uko wikunda.





Ingingo

Ngomba gukunda abazimiye urukundo rusabye
kuko Ibyanditswe byera bimbwiriza

G _ K _ N D A M _ G _ N _ I wanjye.

5. Reba: Matayo 22:39 (NKJV)

N' irya kabiri rihwanye na ryo ngiri: ***Ukunde
mugenzi wawe nk' uko wikunda.***

Ngomba gukunda abazimiye urukundo rusabye
kuko itegeko rya kabiri mu mategeko arusha
ayandi yose gukomera ni **U K _ N D E**
M _ G _ N Z _ W A W E nk' uko wikunda.

6. Reba: Luka 6:27 (NKJV)

Ariko ndababwira mwebwe abumva, ***mukunde
abanzi*** banyu; mugirire ***neza ababanga.***

Ngomba gukunda abazimiye urukundo rusabye
kuko nkwiye **G _ K _ N D A**
A B _ N Z I banjye kandi nkagirira **N _ Z _**
abantu **B _ N Y A _ _ _**.

7. Reba: Luka 6:35 (NKJV)

Ahubwo mukunde abanzi banyu, mubagirire
neza; mugurize abantu mudatekereza ko baz-
abishyura; ni bwo ***ingororano*** zanyu zizaba ny-
inshi, namwe muzaba abana b'Isumba byose:
kuko ***agirira neza*** ababi n' indashima.

Ngomba gukunda abazimiye urukundo rusabye
kuko **I N G _ R _ R _ N O** yanjye izaba ny-
inshi, kandi ni bwo nzaba ngenjeje nk' Umwana
w'Imana by'ukuri, kuko
A G _ R _ R _ N E Z A abantu babi n' abata-
mushima.

8. Reba: Matayo 5:44 (AMP)

Ariko jywaho ndababwira nti: ***Mukunde
abanzi*** banyu, ***musabire ababarenganya.***





Ingingo

Ngomba gukunda abazimiye urukundo rusabye
kuko Ibyanditswe bimbwiriza

G _ K _ NDA AB _ N _ I banjye no
G _ S _ NG _ RA
A _ ANDEN _ A _ YA.

9. Reba: Kuva 23:4 (NKJV)

N'uhura n'inka y'umwanzi wawe cyangwa
n'indogobe ye izimira, *ntukabure kuyimu-*
zanira.

Ngomba gukunda abazimiye urukundo rusabye
kuko Ibyanditswe bimbwiriza kutishimisha ub-
wanjye niba ari ngombwa meze

NK _ T _ B _ R _ umwanzi wanjye.

10. Reba: Imigani 25:21 (NKJV)

Umwanzi wawe nasonza, *umugaburire*; n'
agira *inyota*, umuhe amazi yo kunywa.

Ngomba gukunda abazimiye urukundo rus-
abye kuko Ibyanditswe byera bimbwirizako
umwanzi wanjye nasonza

M _ G _ B _ R _ RA kandi yagira
IN _ OTA nkamuha icyo kunywa.

11. Reba: Abaroma 12:19-21 (NIV)

Bakundwa, ntimwihorane, ahubwo mu-
reke Imana ihorëshe uburakari bwayo, kuko
byanditswe ngo: Guhora ni ukwanjye, ni jye
uzitura, ni ko Uwiteka avuga. Ahubwo um-
wanzi wawe nasonza, umugaburire; nagira
inyota, umuhe icyo anywa; kuko n'ugira uto,
uzaba umurunzeho amakara yaka ku mutwe.
Ikibi cyë kukunesha, ahubwo *unesheshe ikibi*
ikiza.





Ingingo

Ngomba gukunda abazimiye urukundo rusabye kandi nkakoresha amahirwe yose mbonye ngira neza, ndetse n'abanzi banjye, kuko ahari ngize ntyo byatuma bamwazwa n'ibyo bakoze. Ngomba kuneshesha ikibi **ICY__Z__** maze nkareka Imana akaba ari yo ihora.

12. Reba: Abaroma 13:9-10 (NIV)

Kuko ibi ngo: Ntugasambane, ntukice, ntukibe, ntukifuze, n'ayandi mategeko yose, bihurira muri iri jambo ngo: ***Ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda.*** Ufite urukundo ntagirira mugenzi we nabi; ni cyo gituma urukundo ari rwo ***rusoboza*** amategeko.

Ngomba gukunda abazimiye urukundo rusabye kuko urukundo ari rwo **R__S__H__ZA** amategeko.

13. Reba: Abagalatiya 5:14 (NIV)

Kuko amategeko yose asohorera mu ijambo rimwe, ngiri ngo: ***Ukunde mugenzi wawe, nk'uko wikunda.***

Ngomba gukunda abazimiye urukundo rusabye kuko amategeko yose asohorera muri iri tegeko rimwe ngo: **U K__N__E** mugenzi wawe nk'uko wikunda.

I
G
A



Ingingo

Incamake

Kuki ngomba kwiuzuzamo gukunda abazimiye?

Andika incamake y'iki gice. Tanga impamvu eshatu z'ingenzi zituma utekereza ko Umukristo agomba gukunda abazimiye bisāze.

1. _____

2. _____

3. _____





Ingingo

III. Ni buryo ki nakwiyuzuzamo urukundo?

A. Ni buryo ki nakwiyuzuzamo gukunda Imana?

1. Nshobora kuzuza urukundo rw'Imana mu bugingo bwanjye ku rugero rusabye *mu gusabana n'Imana nk'inkoramutima*.

a) Nshobora gusabana n'Imana nk'inkoramutima *igihe nyihaye umwanya wanjye w'agaciro* kugira ngo ndushaho kuyimenya:

(1) Kuzuza Ijambo ry'Imana mu bugingo bwanjye ku rugero rusabye.

(2) Kuzuza amasengesho mu buzima bwanjye ku rugero rusabye.

Reba: Abafilipi 3:10 (AMP)

Intego yanjye *idakuka* ni ukugira ngo *mumenye*—ni ukuvuga ngo nshobore kugenda ndushaho gushorera imizi mu *kumumenya no kurushaho kuba inkoramutima ye*, mbona, menya kandi nsobanukirwa cyane kandi neza uburyo Umwami wanjye ari igitangaza. Kandi kugira ngo muri ubwo buryo ngere ku kumenya imbaraga zidudubiza ziva mu ukuzuka kwe, zikorera mu bamwizera; kandi kugira ngo nsangire na we imibabaro ye bitume mpora ndushaho guhindurwa mu mwuka ngo nse na we ndetse no mu rupfu rwe, mwiringiye.

Pawulo yaravuze ati, "Kuko **INT__G__** yanjye **N__Y__M__J__** ari ukugira ngo **M__M__NYE**—ni ukuvuga ngo nshobore kugenda ndushaho gushorera imizi mu **K__M__M__NYA** no kurushaho kuba inkoramutima ye, mbona,

I
G
A



Ingingo

menya kandi nsobanukirwa cyane kandi neza uburyo Umwami wanjye ari igitangaza.”

- b) Nshobora kugirana ubusabane n’Imana nk’inkoramutima *ityo nize kumva Imana* igihe cyo Kuramya, Kwatura, Gushimira no Kwinginga.

- (1) Reba: Abefeso 6:18 (NLT)

Musengeshe Umwuka *iteka* mu buryo bwose bwo gusenga no kwinginga: kandi kubw’ ibyo, mugumye rwose kuba maso, musabira abera bose.

- (2) Reba: 1 Abatesalonike 5:16-18 (RSV)

Mwishime iteka; *musenge ubudasiba*; mu bibaho byose muhore mushima, kuko ari byo Imana ibashakaho muri Kristo Yesu.

- (3) Gusobanukirwa kuvugana n’Imana mu buryo bwo gusenga umunsi ku munsi kandi kumara umunsi wose bimfasha kugirana **UB__S__B__N__** n’Imana nk’urukundo rw’inkoramutima.

- c) Nshobora kugirana ubusabane n’Imana bw’urukundo nk’ urw inkoramutima *igihe niyeguriye kuyoborwa n’Umwuka Wera*, kuko ari we wenyine wantera kwera imbuto y’urukundo.

- (1) Reba: Yohana 15:4 (NKJV)

Mugume muri jye, nanjye ngume muri mwe. *Nk’uko ishami ritabasha kwera imbuto ubwaryo*, ritagumye





Ingingo

mu muzabibu, ni ko namwe mutabibasha, ni mutaguma muri jye.

(2) Reba: Abafilipi 2:13 (AMP)

*Kuko Imana ari yo ibatera **gukunda** no **gukora** ibyo ishaka.*

(3) Reba: Abagalatiya 5:22-25 (LIV)

*Ariko rero imbuto z'umwuka ni urukundo, n'ibyishimo, n' amahoro, no kwihangana, no kugira neza, n'ingeso nziza, no gukiranuka, no kugwa neza, no kwirinda: ibimeze bityo nta amategeko abihana. Aba Kristo Yesu babambanye kamere n'irari n'iruba byayo. **Niba tubeshwaho n'Umwuka, tujye tuyoborwa n'Umwuka.***

(4) Iyo neguriye ubuzima bwanjye kuyoborwa n' Umwuka Wera, aba abonye umudendeze wo gutuma muri jye hera imbuto

y' **UR __ K __ ND __**. Nera imbuto igihe cyose nguma ku muzabibu. Mu by' ukuri, Umwuka Wera ni we untera kwera iyo mbuto.

2. Gutuza **nkasuzuma** urukundo rw'Imana muri jye bishobora kumfasha kuzuza urukundo rw'Imana mu ubugingo bwanjye.

a) Reba: 1 Yohana 3:23-24 (AMP)

Itegeko ryayo ni iri: ni uko **twizera izina ry'Umwana wayo Yesu Kristo, tugakundana**, nk'uko yadutegetse. Kandi **uwitondera amategeko yayo**

I
G
A



Ingingo

aguma muri yo na yo ikaguma muri
we,
kandi ikitumenyesha ko iguma muri
twe ni Umwuka yaduhaye.

b) Reba: 1 Yohana 2:4-5 (AMP)

*Uvuga ko amuzi ntiyitondere amategeko
ye (inyigisho ze), ni umubeshyi, ukuri [k'
Ubutumwa Bwiza] ntikuri muri we.* Ariko
umuntu wese witondera Ijambo rye, uruku-
ndo akunda Imana ruba rumaze gutungani-
rizwa rwose (rwuzuye) muri we. icyo ni cyo
kitumenyesha ko turi muri we.

c) Urukundo nkunda Imana rushobora gusu-
zumwa ushyize ku gipimo ibi bintu bitatu
mu buzima bwanjye:

(1) Urwego rwo kwizera kwanjye, ni uku-
vuga ngo, gushyira
KW __ M __ R __,
KW __ R __ NG __ RA, no kwi ko-
mereza nka nishingikiriza kuri—
Y __ S __.

(2) Urwego rwo **NK __ ND __** abandi.

(3) Urwego ndiho rwo
KW __ T __ ND __ RA amategeko ye
(inyigisho ze).

3. Nshobora kuzuza urukundo rw' Imana mu
buzima bwanjye ku rugero rusabye igihe *ner-
ekana* urukundo rwanjye nyikunda.





Ingingo

Reba: Yohana 14:15 (AMP)

Ni munkunda *muzitondera (muzumvira)*
amategeko yanjye.

Niba mu by'ukuri nkunda Yesu ngomba ku-
mugaragariza urukundo mu buryo bwo

K W _ _ T _ _ N D _ _ R A amategeko ye
(inyigisho ze).

4. Nshobora kuzuza urukundo rw' Imana mu
bugingo bwanjye ku rugero rusabye mu buryo
bwo *kwibanda* ku kurushaho gukunda Imana
uyu munsu wa none.

Reba: Matayo 22:36-38 (NKJV)

“Mwigisha, itegeko rikomeye mu mategeko
ni irihe?” Na we aramusubiza ati, “*‘Uku-
ndishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe
wose, n’ ubugingo bwawe bwose n’ ubwenge
bwawe bwose.’* Iryo ni ryo tegeko rikomeye
ry’imbere.”

Yesu abajijwe itegeko rikomeye kuruta
ayandi mategeko iryo ari ryo, yarasubije ati,
“**U K _ _ N _ _ I _ _ S _ _ H _ _** Uwiteka
I M _ _ N _ _ yawe umutima wawe wose, n’ ubu-
gingo bwawe bwose n’ ubwenge bwawe bwose.”
Yesu yarimo kuvuga k’ukurushaho kumukunda
uyu munsu wa none, atari ukubiyihunza ngo
uzaba ubikora ejo.

I
G
A





Ingingo

Incamake

Ni buryo ki nakwiyuzuzamo gukunda Imana?

1. **Ibibemo** kugira ubusabane n'Imana bushingiye ku rukundo nk'inkoramutima:
 - a) *Uyiha umwanya w'agaciro* urushaho kuyimenya:
 - (1) **Kuzuza Ijambo ry'Imana mu bugingo bwanjye ku rugero rusabye.**
 - (2) **Kuzuza amasengesho mu buzima bwanjye ku rugero rusabye.**
 - b) *Wiga kumva Imana* igihe cyo **Kuramya, Kwatura, Gushimira** no **Kwinginga kumara umunsi wose kandi buri munsi.**
 - c) *Wiyegurira kuyoborwa n'Umwuka Wera*, kuko ari we wenyine ubyara imbuto y'urukundo.
2. **Suzuma** urukundo rw'Imana muri jye upime ibintu bikurikira:
 - Ukwemera Imana kwanjye.
 - Urukundo nkunda abandi.
 - Ukumvira Imana kwanjye.
3. **Garagaza** urukundo rw'Imana muri jye mu buryo bwo **kumvira** inyigisho ze.
4. **Ibande** k'ukurushaho gukunda Imana uyu munsi wa none.





Ingingo

B. Ni buryo ki nshobora kuzura ugukunda abandi (Abakristo bagenzi banjye ndetse n' abazimiye)?

1. Nshobora kuzura ugukunda abandi (Abakristo bagenzi banjye ndetse n' abazimiye) *nibibyemo kubakunda*.

a) Nshobora kwibibamo gukunda abandi igihe *mbabona nk'uko n'Imana ibabona*.

Reba: Abefeso 2:12 (NLT)

...mwari mudafite Kristo...mutandukanijwe n'Ubwisirayeli...mudafite Imana rurema kandi ari nta byiringiro mufite by' ibizaba.

Reba: Yohana 10:10 (NKJV)

...jyeweho nazanywe no kugira ngo zibone ubugingo, ndetse ngo zibone bwinshi.

Yesu yazanywe no kugira ngo tubone **UB__G__NG__**. Nuko rero, umuntu utarakira Kristo mu bugingo bwe nk'Umukiza n'Umwami we, *ntabwo afite ubuzima, mu by' ukuri, ahubwo gusa ariho. Yarazimiye kandi nta byiringiro afite.*

Kandi *Umukristo wese utiringira Umwami Yesu kuri buri kintu cyose* yamenye ubuzima gusa nyamara yakabonye ubugingo mu **BW__NS__I**.

Imana yabonye icyo dukeneye kandi iradukunda bihebuje bituma yemera ko Umwana wayo rukumbi, Yesu, apfa mu cyimbo cyacu ngo twe tubone ubugingo mu bwinshi.

b) Nshobora kwibibamo gukunda abandi (Abakristo bagenzi banjye ndetse n' abazimiye) *nize uburyo bwo kubumva*.

Ingingo

Reba: Abefeso 4:31-32 (NLT)

Gusharira kose n'uburakari n'umujinya n'itunganya, no gutukana hamwe n'igomwa ryose bibavemo. Mugirirane neza, mugirirane imbabazi, mubabarirane ibyaha, nk'uko Imana yababaririye muri Kristo.

Nshobora kwibibamo gukunda abandi (Abakristo bagenzi banjye ndetse n'abazimiye) *iteka mbitaho muri ubu buryo bukurikira:*

Mba G __ R I R __ N __ Z __

Mba G __ R __ R __ I M B __ B __ Z __

Mba B __ B __ R I R A.

- c) Nshobora kwibibamo gukunda abandi (Abakristo bagenzi banjye ndetse n'abazimiye) niyegurira kuyoborwa n'Umwuka Wera, kuko ari we uzana imbuto y'urukundo.

(1) Reba: Yohana 15:4 (NKJV)

Mugume muri jye, nanjye ngume muri mwe. Nk'uko *ishami ritabasha kwera imbuto ubwaryo*, ritagumye ku muzabibu, ni ko namwe mutabibasha, ni mutaguma muri jye.

(2) Reba: Abafilipi 2:13 (AMP)

Kuko Imana ari yo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira.

(3) Reba: Abagalatiya 5:22-25 (LIV)

Ariko rero imbuto z'Umwuka ni urukundo, n'ibyishimo, n'amahoro, no kwihangana, no kugira neza, n'

I
G
A



Ingingo

ingeso nziza no gukiranuka, no kugwa neza, no kwirinda: ibimeze bityo nta mategeko abihana. Aba Kristo Yesu babambanye kamere, n'iruba n'irari byayo. ***Niba tubeshwaho n'Umwuka tuyje tuyoborwa n'Umwuka.***

(4) Iyo **UM __ UKA W __ R __** ayobora ubugingo bwanjye, ***azazana muri jye U R __ K __ N D O rwo gukunda abandi.***

2. Nshobora kuzuza mu buzima bwanjye gukunda abandi (Abakristo bagenzi banjye ndetse n'abazimiye) ku rugero rusabye ***nturije gusuzuma imimerere y'urukundo mbafitiye. Nasuzuma imimerere y'urukundo mfitiye abandi nihaye igeragezwa rikurikira:***

a) Reba: 1 Abakorinto 13:4 (NLT)

Urukundo ***rurihangana***, rukagira neza; urukundo ntirugira ishyari; urukundo ntirwirarira, ntirwihimbaza.

Reba: 1 Abatesalonike 5:14 (LIV)

Kandi turabahugura bene Data, kugira ngo mucyahe abica gahunda, mukomeze abacogora, mufashe abadakomeye, ***mwihanganire bose.***

Ese **N __ H A N G __ N I R A** buri wese?

b) Reba: 1 Abakorinto 13:4 (NLT)

Urukundo ***rurihangana***, ***rukagira neza***; urukundo ntirugira ishyari; urukundo ntirwirarira, ntirwihimbaza.

I
G
A





Ingingo

Reba: 2 Timoteyo 2:24 (RSV)

Ariko umugaragu w'Umwami wacu ntakwiriye kuba umunyamahane, ahubwo akwiriye *kugira ineza kuri bose*, agakunda kwigisha, akihangana...

Ese **NG __ RA IN __ ZA** kuri bose?

c) Reba: 1 Abakorinto 13:4 (NLT)

Urukundo rurihangana, rukagira neza; urukundo ntirugira *ishyari*; urukundo ntirwirarira, ntirwihimbaza.

Reba: 1 Petero 2:1 (AMP)

Nuko mwiambure *igomwa* ryose n'uburiganya bwose, n'uburyarya n'*ishyari* no gusebanya kose.

Ese hari ubwo ngira **IG __ MW __** cyangwa **ISHY __ R __** ku muntu uwo ari we wese?

d) Reba: 1 Abakorinto 13:4 (NLT)

Urukundo rurihangana, rukagira neza; urukundo ntirugira ishyari; urukundo *ntirwirarira, ntirwihimbaza*.

Reba: Imigani 16:5 (LIV)

Umuntu wese w'ubwibone bwo mu mutima ni ikizira k'Uwiteka; Ni ukuri rwose, ntazabura guhanwa.

Ese hari ubwo ngira **UBW __ B __ NE** cyangwa **KW __ R __ RA** ku bandi?

e) Reba: 1 Abakorinto 13:5 (NLT)

Ntirukora ibiteye isoni, ntirushaka ibyarwo, *ntirubutiraho*; ntirutekereza ikibi ku bantu.





Ingingo

Reba: Abaroma 13:10 (LIV)

Ūfite urukundo ntagirira mugenzi we nabi;
ni cyo gituma urukundo ari rwo rusohoza
amategeko.

Hari ubwo njya ngirira abandi nabi mba-
girira **U M W _ _ G _ _**?

f) Reba: 1 Abakorinto 13:5 (NKJV)

Ntirukora ibiteye isoni, *ntirushaka ibyarwo*,
ntiruhutiraho; ntirutekereza ikibi ku bantu.

Reba: 1 Abakorinto 10:24 (LIV)

Ntibakagire umuntu wizirikana ubwe,
ahubwo azirikane na mugenzi we.

Hari ubwo njya **N _ _ Z _ _ R _ _ K _ _ N A**
ubwanjye sinite ku bandi, ahubwo nkashaka
ko inzira yanjye ari yo gusa ikurikizwa?

g) Reba: 1 Abakorinto 13:5 (NLT)

... Ntirushaka ibyarwo, *ntirubutiraho;*
ntirutekereza ikibi ku bantu.

Reba: Imigani 10:12 (LIV)

Urwangano rubyutsa intonganya; ariko *uru-*
kundo rutwikira ibicumuro byose.

Hari ubwo njya **M P _ _ T _ _ R _ _ H O**
cyangwa nkaba **I N T _ _ B _ _ B _ _ R I R A**
abandi?

h) Reba: 1 Abakorinto 13:6 (NEB)

Ntirwishimira gukiranirwa kw' abandi,
ahubwo rwishimira ukuri.



Ingingo

Reba: Imigani 24:17 (LIV)

Ntukishime umwanzi wawe aguye; kandi ntukagire umutima unezezwa n' uko *atsembwe*.

Njya shimishwa nuko abandi **B__K__ZE**
I CY__H__ cyangwa **B__GUYE**?

i) Reba: 1 Abakorinto 13:6 (NEB)

... ntirwishimira gukiranirwa kw' abandi, ahubwo *rwishimira ukuri*.

Reba: 2 Yohana 4 (AMP)

Nshimiye cyane, kuko nasanze bamwe mu bana bawe bagendera mu *kuri*, nk'uko twa-tegetswe na Data wa twese.

Nshimishwa no kubona abandi bagendera mu **K__R__**?

j) Reba: 1 Abakorinto 13:7

Rubabarira byose; rwizera byose; rwiringira byose; rwhanganira byose.

Reba: Abagalatiya 6:2 (NKJV)

Mwakirane ibibaremerera, kugira ngo abe ari ko musohozza amategeko ya Kristo.

Mbese nkunda gufasha abandi mbakira
I B__B__R__MERERA (*mbajyana kuri Yesu nkabamusigira*)?

k) Reba: 1 Abakorinto 13:7 (LIV)

Rubabarira byose; rwizera byose; rwiringira byose; rwhanganira byose.



Ingingo

Reba: Luka 6:36-37 (NIV)

Mugirirane imbabazi, nk'uko So na we azigira. Kandi ntimugacire abandi urubanza mu mitima yanyu, kugira ngo namwe mutazarucirwa: kandi *ntimugatsindishe*, namwe mutazatsindishwa: mubabarire abandi, namwe muzababarirwa.

Mbese **NK__ND__** abandi cyangwa **NTS__ND__SHA** abantu?

l) Reba: 1 Abakorinto 13:7 (NKJV)

Rubabarira byose; rwizera byose; rwiringira byose; *rwihanganira byose*.

Reba: 2 Abakorinto 1:7 (AMP)

Ni cyo gituma *ibyo tubiringiyeho* bishikamye, kuko tuzi yuko ubwo mufatanije imibabaro, mufatanije no guhumurizwa.

Mbese **N__R__NG__RA** ibyiza mu buzima bw' abandi?

m) Reba: 1 Abakorinto 13:7 (NKJV)

Rubabarira byose; rwizera byose; rwiringira byose; *rwihanganira byose*.

Reba: Abagalatiya 6:9-10 (LIV)

Twē gucogorera gukora neza, kuko igihe ni gisohora, tuzasarura, *ni tutagwa isari*. Nuko rero, tugirire bose neza uko tubonye uburyo, ariko cyane cyane ab'inzu y'abizera.

M b e s e u r u k u n d o r w a n j y e
R__H__R__HO, cyangwa ndatentebuka,





Ingingo

nkabishingukamo igihe cyose ngerageje gukunda abandi?

n) Reba: 1 Abakorinto 13:8 (NLT)

Urukundo ntabwo ruzashira. Guhanura kuzarangizwa, no kuvuga izindi ndimi kuzagira iherezo; ubwenge na bwo buzakurwaho.

Reba: 1 Abatesalonike 3:12 (NLT)

Namwe Umwami wacu abuzuze, abasesekaze gukundana no gukunda abandi bose, nk'uko natwe twabakunze.

Mbese urukundo rwanjye ku Bakristo bagenzi banjye n'abazimiye

R__R__YONG__RA kandi

R__R__S__S__K__YE?





Ingingo

3. Nshobora kuzuza ubugingo bwanjye gukunda abandi (Abakristo bagenzi banjye n' abazimiye) ku rugero rusabye *nkoresheje kubagaragariza urukundo mbakunda?*

a) Nshobora *kugaragariza* abandi (Abakristo bagenzi banjye n' abazimiye) urukundo mbakunda *nsyize mu bikorwa amahame yose maze kwiga*, ibyo nkabikora kandi nsuzuma imimerere y'urukundo rwanjye ku bandi.

(1) **I H _ _ N G _ _ N E.**

(2) **G I R A N _ _ Z _ _.**

(3) Wigira **I S H Y _ _ R _ _.**

(4) Wigira **U B W _ _ B _ _ N _ _** cyangwa **U B W _ _ R _ _ S I.**

(5) Wigira **U M W _ _ G _ _.**

(6) We **K W _ _ Z _ _ R I K A N A** wenyine.

(7) We **G _ _ H _ _ T _ _ R A H O** cyangwa ngo ube **I N T _ _ B _ _ B _ _ R I R A.**

(8) Ntukishimire
G _ _ K _ _ R _ _ N _ _ R W A kw' abandi cyangwa **K _ _ G W _ _** kwabo.

(9) Shimishwa no kubona abandi bagen-
dera (babaho) mu **K _ _ R _ _.**

(10) Fasha abandi kwikorera
I M _ _ T W _ _ R O.

(11) **N T _ _ G _ _ T S _ _ N D _ _ S H E,**
ahubwo **K _ _ N D A** kandi izere ko
n' abandi bizabagendekera neza.

(12) **I R _ _ N G _ _ R _ _** ko ibyiza bihebuje
bizaba mu buzima bw' abandi.

I
G
A





Ingingo

(13) **S H __ K __ M A**, wicogora ngo ubishingukemo.

(14) Reka urukundo rwawe rukomeze
G __ K __ R A kandi
R __ S __ S __ K A R __.

b) Nshobora kugaragaza urukundo rwanjye mu buryo bwihariye ku Bakristo bagenzi banjye nsabana nabo.

Ubwo *busabane* duhamagarirwa ni bumwe mu bukurikira:

(1) Reba: Zaburi 133:1-3 (LIV)

Dorere, erega ni byiza ni ibyigikundiro, ko abavandimwe baturana *babuje*. Bimeze nk' amavuta y'igiciro cyinshi yasutswe ku mutwe, agatembera mu bwanwa, bwa Aroni; agatembera ku misozo y' imyenda ye. Kandi bimeze nk' ikime cyo kuri Herumoni, kimanukira ku misozo y' i siyoni: kuko aho, ariho Uwiteka yategekeye umugisha, ni wo bugingo bw' iteka ryose.

Reba: Abafilipi 1:27 (AMP)

Icyakora, ingeso zanyu zimere nk'uko bikwiriye ubutumwa bwiza bwa Kristo, kugira ngo ninza kubasura, cyangwa ni ntaza, nzumve ibyanyu, yuko *mushikanye mu mwuka umwe, mubuje umutima, kandi murwanira hamwe* kubwo kwizera ubutumwa bwiza.

G __ H __ Z A





Ingingo

(2) Reba: 1 Yohana 1:3 (AMP)

Ibyo twabonye tukabyumva, ni byo tubabwira, kugira ngo namwe *mufatanye* natwe, kuko ubwacu dufatanije na Data wa twese n'Umwana we Yesu Kristo.

Reba: Abakolosayi 2:2 (NLT)

Kugira ngo imitima yabo ihumurizwe, ubwo *bafatanirije hamwe mu rukundo*, ngo bahabwe ubutunzi bwose bwo kumenya neza mu mitima yabo, bamenye ubwiru bw'Imana, ni bwo Kristo.

GUF __ T __ NY __

(3) Reba: Abafilipi 4:14-15 (RSV)

Ariko mwagize neza, ubwo mwese *m'wafatanije* imibabaro yanjye. Kandi mwa Bafilipi mwe, namwe ubwanyu muzi yuko ubutumwa bwiza bugitangira kubwirizwa, ubwo navaga i Makedoniya, nta rindi Torero ryafatanije nanjye mu byo gutanga no guhabwa, keretse mwebwe mwenyine.

Reba: 2 Abakorinto 8:1-5 (JBP)

Bene Data, turabamenyesha ubuntu bw'Imana amatorero y'i Makedoniya yahawe. Bakigeragezwa cyane n'amakuba menshi, umunezero wabo uhebuje n'ubukene bwabo bwinshi byasesekariyemo ubutunzi, ku bw'iby'ubuntu batanze. Ndahamya yuko *babutanze ku bwende bwabo, nk'uko bashoboye, ndetse no kurenza*





Ingingo

*ibyo bashoboye, batwingingira cyane kugira ngo twakire ubuntu bwa-bo batanze, babone uko bafatanya umurimo wo gukenura abera. **Icyakora ntibagenje** nk'uko twibwiraga ko bazabigenza, ahubwo babanje kwitanga ubwabo, biha Umwami wacu, kandi biha natwe, nk'uko Imana yashatse.*

KUGA__ANA

(4) Reba: Ibyakozwe 2:42 (LIV)

Bahoraga bashishikariye ibyo intumwa zigishaga, bagasangira ibyabo, no kumanyagura umutsima, no gusenga.

Reba: Abaheburayo 10:24-25 (AMP)

Kandi tujye tuzirikana ubwacu, kugira ngo duterane ishyamba ryo gukundana n'iry' imirimo myiza. **Twē kwirengagiza guteranira hamwe**, nk'uko bamwe bajya bagira, ahubwo duhugurane, kandi uko mubonye urya muni wegera, mube ari ko murushaho kugenza mutyo.

GUT__R__NIRA HA__WE

c) Nshobora kugaragaza urukundo rwanjye ku buryo bwihariye ku bazimiye nkoresha uburyo bwo kubahamiriza.

(1) Reba: Abakolosayi 1:28-29 (LIV)

Ni we [Kristo] twamamaza, tuburira umuntu wese, tumwigisha ubwenge





Ingingo

bwose; kugira ngo tumurikire Imana umuntu wese, amaze gutunganirizwa rwose muri Kristo: icyo ni cyo gituma nkora cyane. Ndwana umwete, nk'uko imbaraga ze ziri, zinkoreramo cyane.

Ngaragaza urukundo nkunda abazimiye
nkoresheje uburyo bwo kubabwira
K R __ S T O aho njya hose.

(2) Reba: Matayo 28:18-20 (NIV)

Nuko Yesu arabegera, avugana nabo, ati: nahawe ubutware bwose mu ijuru no mu isi. Nuko mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose **abigishwa**, mubabatiza mu izina rya Data wa twese n'Umwana n'Umwuka Wera: mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose. Kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose, kugeza ku mperuka y'isi.

Ngaragaza urukundo nkunda abazimiye
iyo ngiye nkahindura abantu
A B __ G I S H __.

(3) Reba: Matayo 4:19 (NLT)

Arababwira ati: Nimunkurikire, nzabagira abarobyi b'**abantu**.

Ngaragaza urukundo nkunda abazimiye
iyo nemeye kwiga kuroba **A B __ N T __**.

I
G
A



Ingingo

(4) Reba: Abaroma 1:16 (AMP)

Erega ubutumwa bwiza *ntibunkoza isoni*: kuko ari imbaraga y'Imana ihesha uwizera wese gukizwa, uhereye ku Muyuda, ukageza ku Mugiriki.

Ngaragaza urukundo nkunda abazimiye nkoresheje uburyo bwo kubahamiriza, kandi ndahamya kuko ntakozwa **I S __ N I** n'Ubutumwa bwiza bwa Kristo.

(5) Reba: 1 Petero 3:15 (NEB)

Ahubwo mwubahe Kristo mu mitima yanyu, ko ari we Mwami, kandi mube mwiteguye iteka gusubiza umuntu wese ubabajije impamvu z'*ibyiringiro* mufite, ariko mufite *ubugwaneza, mwubaha*.

Ngaragaza urukundo nkunda abazimiye nkoresheje uburyo bwo guhora niteguye gusobanura impamvu z' **I __ YIRINGIRO** bindimo kandi nkabikorana ubugwaneza no **KUB __ H __**.

(6) Reba: Imigani 11:30 (NIV)

Imbuto z'umukiranutsi ni igiti cy'ubugingo; kandi *umunyabwenge* agarura imitima.

Ni igikorwa cy'urukundo guhamiriza abazimiye, ikigeretse kuri ibyo ni iby' **UBW __ NG __**.





Ingingo

4. Nshobora kwiuzuzamo gukunda abandi (Abakristo bagenzi banjye ndetse n'abazimiye) *mu buryo bwo kwibanda k'ukurushaho kubakunda cyane uyu muni.*

Reba: Matayo 22:39 (NIV)

N'irya kabiri rihwanye na ryo ngiri: *Ukunda* mugenzi wawe nk'uko wikunda.

Itegeko rya kabiri rirusha ayandi gukomera ni **U G _ K _ N D A** abandi nk'uko nikunda.

Uburyo bwonyine bishoboka ko dukunda abandi nk'uko natwe twikunda ni *ukwiyegurira* Umwuka Wera no *kwibanda* gusa ku mahame amwe n'amwe buri muni. Ikibiheruka, ni uko atangira kudutera imbaraga ahari intege nke, bityo akaduha ubutsinzi, buhoro buhoro, ahora aduhinduramo abantu barushaho kugira urukundo rwinshi.





Ingingo

Incamake

Ni buryo ki nakwiyuzuzamo gukunda abandi (Abakristo bagenzi banjye ndetse n'abazimiye)?

1. *Ibibemo* gukunda abandi ukoresheje:
 - a) *Kubareba nk'uko Imana ubwayo ibareba.*
 - b) Kwiga *ku bumva*:
 - ubagirira imbabazi.
 - ubagirira ubwuzu.
 - Ubababarira.
 - c) *Kwiyegurira ukuyoborwa n'Umwuka Wera*, kuko ari we ubyara imbuto y'urukundo.
2. *Kugenzura* imimerere y'urukundo nkunda abandi ukoresheje uburyo bwo kwiha *isuzuma ry'urukundo*.
3. *Kugaragaza* urukundo nkunda abandi *nkoresheje ya mahame* nigishijwe akoreshwa mu isuzuma ry'urukundo. Ikigeretse kandi k'ugukoresha aya mahame, nshobora kugaragaza urukundo nkunda:
 - Abakristo bagenzi banjye mu buryo bwo *gusabana nabo*.
 - Abazimiye mu buryo bwo *kubahamiriza*.
4. *Kwibanda* k'ukurushaho gukunda abandi uyu muni wa none ukoresheje:
 - *Kwiyegurira kuyoborwa n'Umwuka Wera*, kuko ari we ubyara imbuto y'urukundo.
 - *Kwibanda k'ukuvugurura* imimerere y'urukundo rwanjye mu gice kimwe cyihariye buri muni. Urugero, *uyu muni wa none* ibande k'ukwihangana, cyangwa imbabazi cyangwa ukutaba nyamwigendaho.





Ingingo

C. Nshobora nte kwiuzuzamo gukunda Imana no gukunda abandi?

Nshobora kwiuzuzamo gukunda Imana no gukunda abandi *mu buryo bwo kwigirira urukundo rushingiye kuri Kristo no kwemera uko ndi.*

Reba: Abaroma 12:3 (NEB)

Ndababwira umuntu wese muri mwe, mbwiri-jwe n'ubuntu nahawe, *mwe kwifata uko mutari*, ahubwo mutekereze mwitonze, nk'uko Imana yagereye umuntu wese kwizera.

Reba: Matayo 22:39 (LIV)

N'irya kabiri rihwanye na ryo ngiri: Ukunde mugenzi wawe nk'uko *wikunda*.

Nubwo ntakwiriye **KWIKAAZAA** cyangwa kwishyira **HEJRU**, nyamara ngomba gukunda abandi nk'uko nikunda **UBANJY**, kandi ibyo bivuga ko nkwiriye kwigirira urukundo rukomeye, ruzima kandi rushingiye kuri Kristo.

Gutahura ibi bintu bikurikira bizamfasha kwigirira urukundo ruzima kandi rushingiye kuri Kristo:

1. Reba: Abafilipi 2:13 (AMP)

Kuko Imana ari yo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira.

Gutahura ukuntu ibyanjye byose bishingiye kuri Yesu bizandinda kwitekereza nk'aho ndi umuntu w'isumbwe cyane kuruta ibikwiriye. Ubushobozi bwanjye bwahinduka akaraha kajahe uretse *gusa niyeguriye kuyoborwa*





Ingingo

*n' Umwuka Wera, kandi ngumye muri Yesu, kuko **abindura** intege nke zanjye mu imbaraga, kandi ari we **urema imbuto** imbuto mu bugingo bwanjye. Kandi rero, ibi ntibikorwa mu **MB __ R __ GA** zanjye ubwanjye.*

2. Reba: Zaburi 139:13-15 (LIV)

Kuko ari wowe waremye *ingingo zanjye*; wanteranirije mu nda ya mama. Ndagushimira, yuko naremwe uburyo buteye ubwoba kandi butangaza: imirimo wakoze ni ibitangaza: ibyo, umutima wanjye ubizi neza. Igikanka cyanjye ntiwagihishwe, ubwo naremerwaga mu rwihiho, ubwo naremesherezwaga ubwenge mu byo hasi y'isi.

Imana yangeneye imiterere, irandema. Yakoze I __ G __ NG __ zanjye Z __ S E, iziteraniriza mu nda ya mama. Cyose ye, nkwiye gutera umugongo, kwanga cyangwa kwivovotera ikintu icyo ari cyo cyose Imana yangeneye imiterere, ikakirema?

3. Reba: Yeremiya 29:11 (LIV)

Erega nzi *ibyo nibwira* nzabagirira, *ni amahoro*, si ibibi, kugira ngo *mbareme umutima w'ibyo muzabona hanyuma*, ni ko Uwiteka avuga.

Reba: Zaburi 139:16 (LIV)

Nkiri urusoro, amaso yawe yarandebaga, mu gitabo cyawe handitswemo iminsi yawe yose, *yategetswe, itarabaho n'umwe.*

Imana yangeneye imiterere kandi indemera umugambi. Imana ifitiye ubuzima bwanjye imigambi, kandi ni IM __ G __ MBI y'

I
G
A



Ingingo

IBY __ Z __, si iy' ibibi, ni iyo kumpa
__JO heza n' **IBY __ R __ NGIRO**.

4. Reba: Zaburi 139:1-12, 17-18 (NLT)

Uwiteka, warandondoye, *uramenya*. Uzi imyicarire yanjye n' imihagurukire yanjye, umenyera kure ibyo nibwira. Ujya urondora *imigendere* yanjye n' imiryamire, uzi inzira zanjye *zose*. Kuko ijambo *ritaraba* mu rurimi rwanjye, uba umaze kurimenya rwose, Uwiteka. Ungose *inyuma n' imbere*. Unshyizeho ukuboko kwawe. Kumenya ibikomeye bityo ni igitangaza kinanira: kuransumba, simbasha kukugeraho. Ndahungira Umwuka wawe he! *Ndahungira mu maso yawe he!* Nazamuka nkajya mu ijuru, uri yo; nasasa uburiri bwanjye i Kuzimu, dore, uri yo. Nakwenda amababa y'umuseke, ngatura ku mpera y'inyanja; aho na ho ukuboko kwawe *kwahanshorerera, ukuboko kwawe kw' iburyo* kwahamfatira. Nakwibwira nti, Ni ukuri umwijima ni wo uri buntwikire, umucyo ungose uhinduke ijoro; *n'umwijima ntugira icyo ugubisha*, ahubwo ijoro riva nk' amanywa; umwijima n'umucyo kuri wowe ni kimwe. Mana, erega *ibyo uteker-eza* n' ibyigicro *kuri jye!* Erega *umubare wabyo ni mwinsi!* Nabibara, biruta umusenye ubwinshi! *Iyo nkangutse, turacyari kumwe!*

N' uyu mwanya Imana irankunda kandi ni jye ishaka, ku giti cyanjye. Yita kuri buri kintu cyose kibaho mu buzima bwanjye.

Izi ibinyerekeye **BY __ S __**.

Itegura **INZ __ RA** mbere yuko nyinyuramo.

I
G
A



Ingingo

Buri **MW __ NYA** wose iba izi aho ndi.

Izi neza icyo ngiye kuvuga **MB __ RE** yuko gisohoka ku rurimi.

Injya **IMB __ RE** kandi ikanjya n' **INY __ MA**.

Simbasha guhunga **IM __ NA** na hato.

Ikiganza cy'e **K __ R __ NSH __ RERA** kandi **UK __ B __ KO** kwe kw'iburyo kukamfata.

Simbasha **KW __ H __ SHA** Imana, naho haba mu mwijima.

Uwiteka arimo kuntekerezaho mu buryo **BUHOR __ H __**.

Uwiteka ari **K __ MW __** nanjye iminsi yose





Ingingo

Incamake

Nshobora nte kwiuzuzamo gukunda Imana n'abantu?

Niba nshaka gukunda Imana n'abantu cyane ku rugero rukwiye, ningombwa ko nigirira *urukundo* rwinshi, ruzima kandi *rushingiye kuri Kristo*, kandi *nkemera n'uko ndi*. Ku rundi ruhande, *si ngomba kwikakaza ngo nitekerezeho ibirenze ibikwiriye*.

Nkwiriye kwigirira urukundo rwinshi, ruzima, kandi rushingiye kuri Kristo kandi si mpinduke umwibone. Ibi birashoboka nsobanukiwe neza:

1. Ukuntu *nshingiye kuri Yesu* wenyine.
2. Ko *Imana yagennye imiterere yanjye ikanandema*.
3. Ko Imana yagennye imiterere yanjye ikanandema kubw' *umugambi*.
4. Ko *Imana inkunda* kandi ko *ari jye ishaka cyane, jye we ku giti cyanjye*. Yitaye ku kintu cyose kibaho mu buzima bwanjye.



Gahunda yo Kwiga Bibiliya Buri Minsi

Nyuma y' Isomo rya 15:

1. *Shakisha uburyo bumwe cyangwa burenze bumwe* bwawe bwite bwo kwiga Bibiliya buri minsi busobanutse kandi bw' ingirakamaro (ifashishe iki gice cyitwa: *"Ibyagufasha mu Kwiga Bibiliya ku Giti Cyawe"* gisangwa ku rupapuro rukurikira).
2. *Gira umwete kandi ugire gahunda ibamye* mu kwihātira Kwiga Bibiliya ku giti cyawe.
3. *Fata ingamba* muri gahunda yawe ya buri minsi yo Kwiga Bibiliya ku giti cyawe, kandi uharanire kuzigeraho ufite mwete mwinshi.
4. *Umvira kandi ushyire mu bikorwa* icyo Imana ikwigisha mu Kwiga Bibiliya kwawe kwa buri minsi



Ingingo

Ibyagufasha mu Kwiga Bibiliya ku Giti Cyawe

Hariho uburyo bwinshi bw'ingirakamaro mu Kwiga Bibiliya. Umwe ashobora kwiga Bibiliya nk'ukoresha *cya cyuma gikurura ibintu biri kure (telesikopi)*, uyu areba ukuri gutandukanye kwa buri gitabo cyo muri Bibiliya. Cyangwa umwe ashobora kwiga Bibiliya nk'ukoresha *cya cyuma kirebeshwa utuntu dutoya cyane (mikorosikopi)* akabona mu burambuke butangaje buri kintu cyose gisangwa muri iki kirombe cy'ubutunzi bw'iby'umwuka. *Ku mpapuro ziri bukurikire zitari nyinshi urahasanga uburyo burindwi bukurikira bwakorewe ubugorora-ningo bwo Kwiga Bibiliya mu buryo burambuye:*

1. Kwiga Bibiliya **Igice ku Gice**
2. Kwiga Bibiliya **Igika ku Gika**
3. Kwiga Bibiliya **Umurongo ku Murongo**
4. Kwiga Bibiliya **Igitabo ku Gitabo**
5. Kwiga Bibiliya ukoresheje **Amagambo Ayirimo**
6. Kwiga Bibiliya wifashishije **Ibivugwamo (Subjects)**
7. Kwiga Bibiliya ukoresheje **Ubuzima bw' Abayivugwamo (Biography)**

Ibuka ko, *Kwiga Bibiliya ari uburyo bumwe bwo kwiyuzuzamo Ijambo ry'Imana no kurushaho kwiga byinshi kuri Yesu no ku mibereho yigisha.*

Umunezero mwinshi wo Kwiga Bibiliya uzanwa no *kwitahurira* ukuri guhoraho kw' Ijambo ry'Imana no gusohora mu mibereho yo *kuryumvira no kubaho mu migisha izanwa n'uko kumvira.*

